# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-68 TARIKI 28 NYAKANGA-3 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw





AMAKURU

Perezida Kagame yaganiriye n'urubyiruko rwitabiriye Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16



2

AMAKURU

Senateri Mukabalisa Donatille yitabye Imana azize uburwayi



5

AMAKURU

U Rwanda rwahawe miliyari 2,9 Frw yo kwitegura kurwanya Ebola



11


IMYIDAGADURO

Nyuma y'imyaka 10 Urban Boyz yari ikumbuwe yahuriye ku rubyiniro



29


# Hasobanuwe impamvu 'Rwanda FDA' yafunze inganda zikora inzoga zitujuje ubuziranenge




**Ingufu Gin Ltd ni rumwe mu nganda zenga inzoga zitujuje ubuziranenge zafunzwe**

**KAMALIZA Agnes**

***Inganda zikora inzoga zizwi nk'ibyuma zirimo; urwa Ingufu Gin Ltd, NBG Ltd, Sky Drop Industries Ltd, Africana Buffalo Ltd, Nopa Company Ltd n'izindi zahagaritswe gukora, nyuma yuko iperereza ryakozwe na 'Rwanda FDA' ryagaragaje ko ibinyobwa bakoraga bitujuje ubuziranenge, byica ubuzima bw'abantu bazinywa ndetse mu byo bakoraga hakaba harimo n'ibigize ibyaha.***

Mu kiganiro na RBA kuri iki Cyumweru, tariki ya 02 Kanama 2026, Urwego rw'Igihugu rw'Ubugenzacyaha (RIB) rwashimangiye ko inganda zafunzwe zihishe inyuma y'iterambere ry'inganda zihabwa ibyangombwa ariko zigakora ibitemewe birimo no gushyira uburozi mu binyobwa baha Abanyarwanda.

Ibi bije nyuma yuko Ikigo gishinzwe Ubugenzuzi bw'Ibiribwa n'Imiti mu Rwanda (Rwanda FDA) gitangaje ko cyafunze inganda umunani zikora ibinyobwa bisembuye nyuma y'ubugenzuzi n'isuzuma cyakoze rikagaragaza ko ibikorwa byazo bitubahiriza ibisabwa n'amabwiriza agenga uru rwego.

Inganda zafunzwe zirimo; Ingufu Gin Ltd, NBG Ltd, Sky Drop Industries Ltd, Africana Buffalo Ltd, Nopa Company Ltd, Roots Investment Group Ltd, Rugali Agro-Processing Company na Zhonglu Industrial Liability Company Ltd. Rwanda FDA yategetse ko nyuma yo gufunga izo nganda ibicuruzwa byose byakorewemo bihita bikurwa ku isoko ndetse abakora ibyo bicuruzwa bagahita bahagarika gukora.

Abakwirakwiza n'abacuruzi basabwe guhagarika ako kanya kugurisha ibyo bicuruzwa no gusubiza ibyasigaye ku babibahaye cyangwa ku babikoze, abaturage basabwa guhita bahagarika gukoresha ibicuruzwa biri ku rutonde rwatangajwe ndetse abakora n'abacuruza ibinyobwa bisembuye bakubahiriza amabwiriza yatanzwe, abatayubahiriza bagafatirwa ingamba ziteganywa n'amategeko.

Umuyobozi Mukuru ushinzwe iperereza ry'ibyaha no kurwanya iterabwoba muri RIB, Karake Peter, yasobanuye ko izo nganda zitwikiriye iterambere ry'inganda zihabwa ibyangombwa byo gukora ariko zikora ibiteye isoni n'agahinda bihitana n'ubuzima bw'abantu.

Yagize ati: "Ibintu twabonye biteye isoni n'agahinda! Izi nganda zihishe inyuma y'iterambere ry'inganda ndetse zimwe zihabwa ibyangombwa ariko ibyo inzego za Leta bumvikanye gukora baciye inyuma bajya gukora ibindi batumvikanye bitari mu buziranenge gusa ahubwo

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame yaganiriye n'urubyiruko rwitabiriye Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16



**Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yaganirije Urubyiruko rusaga 700 rwitabiriye Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16**

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yaganirije Urubyiruko rusaga 700 rwitabiriye Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16, barimo abiga n'ababa mu mahanga, abasoje amashuri yisumbuye mu mashuri mpuzamahanga yo mu Rwanda, ababaye indashyikirwa ku Rugerero rw'Inkomezabigwi icyiciro cya 13 n'abanyeshuri bo mu mashuri makuru na kaminuza.***

Ni gahunda yabereye mu Kigo cy'Imyitozo cya Gisirikare cya Gabiro giherereye mu Karere ka Gatsibo, aho basanzwe batorezwa, ikaba ari gahunda izwi nka #MeetThePresident.

Umukuru w'Igihugu yagiranye ibiganiro n'uru rubyiruko, aruha impanuro n'inama zibafasha kurushaho gusobanukirwa inshingano zabo mu kubaka Igihugu. Muri iki kiganiro kandi, urwo rubyiruko rumaze ukwezi ruhabwa amasomo muri iri Torero, rwahawe umwanya ngo rumubaze ibibazo bitandukanye n'ibitekerezo rwifuza kumugezaho.

Urubyiruko rwitabiriye iri Torero ruhabwa inyigisho zitandukanye zigamije kububakamo indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda no kurangwa n'umuco w'ubutore; kuba Intagamburuzwa mu bibazo bahura na byo mu buzima.

Batozwa kandi kuba abaranga b'u Rwanda barushakira imbuto n'amaboko hirya no hino; no gusobanukirwa amateka y'u Rwanda, icyerekezo cy'Igihugu, kungurana ibitekerezo bigamije kumva uruhare rwabo mu iterambere ry'Igihugu no kurinda ibyagezweho.

Minisitiri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yavuze ko iri torero ryagize umwihariko kuko ryitabiriwe n'umubare munini kurusha ibindi byiciro byabanje kuko byose byitabirwaga n'abatarenze 500.

MINUBUMWE kandi ivuga ko kuri iyi nshuro urubyiruko rwavuye mu mahanga rwabaye rwinshi kuko ubu ari 137 barimo abakobwa 66 n'abahungu 71; ibihugu byongereye umubare w'ababiturutsemo ni Ubwami bw'u Bwongereza ndetse na Leta Zunze ubumwe z'Amerika.

Mu bikorwa by'ingenzi bibera muri iri torero harimo guhabwa ibiganiro n'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu n'Ingabo z'u Rwanda, banasuye kandi ibikorwa bitandukanye birimo n'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kiziguro ndetse n'ingoro y'urugamba rwo kubohora Igihugu iri ku Mulindi mu Karere ka Gicumbi, kugira ngo basobanukirwe amateka y'u Rwanda ya nyayo.

Itorero ni gahunda y'Igihugu igamije gutoza no kubaka Umunyarwanda urangwa n'indangagaciro, umuco nyarwanda, ubwitange, gukunda igihugu, ubumwe n'ubupfura nkuko byakorwaga mu Rwanda rwa kera. Mu gihe cya none, gahunda yo kongera kubaka Itorero ry'Igihugu yatangijwe ku mugaragaro nyuma y'icyemezo cya Guverinoma cyo kurizahura, ku wa 16 Ugushyingo 2007, Inama y'Abaminisitiri yemeje Politiki y'Igihugu y'Itorero.

Mu gushyira mu bikorwa iyo politiki, ku wa 10 Werurwe 2008 hashyizweho Komisiyo y'Igihugu y'Itorero, ifite inshingano zo gutegura no guhuza ibikorwa by'Itorero mu gihugu hose. Ubu Itorero ry'Igihugu rifitwe mu nshingano na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshigano Mboneragihugu (MINUBUMWE).

# Indangamirwa zizi ko zitagomba kuba ba Mbarubucyeye - Dr Bizimana

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Dr. Bizimana Jean Damascene, yagaragaje ko urubyiruko 769 ruri mu Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16, bazi neza ko bagomba kwishakamo ibisubizo ntibabe ba Mbarubucyeye, Mbigirente, Ntamakiriro n'andi mazina agaragaza kwiheba.***

Yabigarutseho ku wa 28 Nyakanga 2026, ubwo Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yaganiraga n'urwo rubyiruko ruri gutorezwa mu Kigo cy'Imyitozo cya Gisirikare cya Gabiro kiri mu Karere ka Gatsibo.

Minisitiri Dr. Bizimana yashimangiye ko urwo rubyiruko rwatojwe neza rwifitiye icyizere cy'ahazaza ntawe bateze amaboko, kandi bazi neza ko bagomba kwishakamo ibisubizo aho kubitegerereza mu bandi cyangwa ngo bicare bihebe bumve ko bazabibara babibonye.

Yagize ati: "Ubu bazi ko batagomba kuba ba mbarubucyeye, ba Mbigirente, ba Ndimubanzi, Ntahontuye, ba Ntabuhungiro cyangwa ba Ntamakiriro; ubwo bwihebe barabusezereye bifitiye icyizere kiri mu mbaraga zabo ntibategereje ko amahanga cyangwa Imana ari bo bazabaha iterambere."

Yongeyeho ko badategereje ko Imana ari yo izabakorera ibyo na bo ubwabo bakwishoboza kuko yabahaye ubwenge n'ubushishozi bwo kwigeza aho bashaka. Ati: "Bamenye ko ak'i Muhana kaza imvura ihise biyemeza kuba ba nyamwishakamo ibisubizo."

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko iyo ntego bayumvise neza biyemeza kuba Indangamirwa z'Imbangukanabigwi, Inkundirwakubarusha, Rutindukana ibakwe, Intikanga, Mihigo y'imena, Rwego rw'intore ndetse bakazahora bari imbere muri byose.

Yashimangiye ko abakobwa biyemeje kuba ba Mukobwawurugero, Abadasumbwa, Abataruhuka n'Abatarutwa, Inkumburwa n'Indashyikirwa, Indatsimburwa n'Inyangagusumbwa, Inyamibwa na Ndeshyo idatezuka ibigwi, Jururyinyange na Jururyumucyo ndetse Ihogoza n'Icyeza.

Abahungu na bo biyemeje kuba ba Rugero rw'ishya, Mbaduko, Muvuduko, Mbanzamihigo, Mudatsindwa, Ngoga, Nyiribakwe, Rudahusha, Rutikanga, Ntabwoba, Ntamakemwa, Rudahindwa.




**Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Jean Damascène Bizimana**

Minisitiri Dr. Bizimana kandi yagaragaje ko batojwe kubana no gukorera hamwe bahereye ku bintu bito ariko bitizana, bamenya akamaro ko gukorera hamwe, kurara hamwe, gukorana siporo, gusangira kandi byose byabafashije kuba abasangirangendo no kumenya ko igihango cy'ubumwe bw'Abanyarwanda kiri mu buzima bwa buri kanya.

Itorero Indangamirwa icyiciro cya 16 ryitabiriwe n'abagera kuri 769 barimo abakobwa 315 n'abahungu 454. Abiga mu mahanga ni 137, abiga mu mashuri Mpuzamahanga yo mu Rwanda ni 125, abiga mu mashuri makuru na kaminuza byo mu Rwanda ni 301, mu gihe ababaye indashyikirwa ku rugerero bavuye mu Turere twose tw'u Rwanda ari 206.

Abo bose bakaba bari mu Itorero kuva tariki ya 01 Nyakanga 2026 kugeza ku ya 10 Kanama 2026 aho baje biyongera ku bandi 5 216 batojwe mu byiciro 15 byabanje gutozwa kuva mu 2008 iyi gahunda yatangira.

# Hasobanuwe impamvu 'Rwanda FDA' yafunze inganda zikora inzoga zitujuje ubuziranenge

IBIKURIKIRA URUP.1

bigize n'ibyaha."

Karake yongeyeho ko iperereza ryagaragaje ko hari abari bafite ibyangombwa byarangiye, uburyo bavangaga, ubutabire bwemewe n'ibinyabutabire bikoreshwa byemewe kugira ngo inzoga ishye atari byo bakoresheje, kuko hari n'abakoresheje ikinyabutabire cya 'Ethanol' ku buryo bukabije gisanzwe ari uburozi mu mubiri w'umuntu.

Yongeyeho ati: "Bamwe bakora nta byangombwa cyangwa ibyarangiye abandi ibyo bavanga muri iryo cupa ntabwo byemewe, nta nubwo yigeze abihererwa uburenganzira, harimo ikinyabutabire gituma abantu bahuma cya 'Ethanol'. Ikindi cyagaragaye ni umwanda uteye ubwoba, ibikoresho bitemewe, muri uko gukora ugasanga nta mashini afite zivanga nta n'umuntu afite wabyize ureba ubuziranenge."

Imibare ya Minisiteri y'Ubuzima igaragaza ko inzoga zitujuje ubuziranenge Abanyarwanda banyoye muri uyu mwaka zishe abagera kuri 50 abandi 100 bahuma amaso, mu gihe abagera kuri 500 bagiye kwivuza kubera izo nzoga.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin yashimangiye ko izo nzoga hari ubwo usanga zikorwa n'abantu batabyize batazi n'aho biva, bakavanga ibintu uko biboneye, ubuzima bw'abaturage bukahatikirira.

Agira ati: "Abantu bakora inzoga bihishe mu iterambere ry'inganda na bo baziramo ku buryo n'umuntu utazi ibintu by'ibinyabutabire avuga ati: nanjye ndi umushoramari ngiye gukora uruganda, akavanga ibyo ashoboye rimwe na rimwe akerekana uruganda rwiza yaguze, ariko nyuma agakora ibyo ashoboye mu bumenyi bwe... kuko ni byo ashoboye gukora. Ashyiramo ibinyabutabire byose, nta laboratwari afite agapfundikira agashyira ku isoko, ubinyweye agahuma, agapfa."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yagaragaje ko uko abantu babibonamo inyungu bacuruza ari nako bakirira ku buzima bw'abandi n'abaturage bakabinywa kuko bibica vuba bakagera aho bakaba imbata zabyo kugeza bibambuye ubuzima ari na yo mpamvu Leta iba igomba gufata ingamba.

Yagize ati: "Nta wundi ushobora kuza gukiza urwo rubanza atari abashinzwe kuyobora abaturage babifite mu nshingano, ni na yo mpamvu ubona inzego zose ziba zabigiyemo."

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ishimangira ko mu bibazo byugarije Abanyarwanda bidindiza iterambere rya bamwe, amakimbirane mu ngo, urugomo n'ibindi biterwa n'inzoga ari na yo mpamvu hakomeje gukazwa ubukangurambaga bwigisha ububi bwazo n'ingamba yo kurwanya izitujuje ubuziranenge.

# Iwawa: Abanyeshuri 2 001 basubijwe mu buzima busanzwe

**MICOMYIZA BARINDA Fidele**

***Abanyeshuri 2 001 bagororerwaga mu kigo ngororamuco cya Iwawa basubijwe mu buzima busanzwe nyuma yo gukorerwa isuzuma bagasanga amasomo bize abafasha kugororoka barayumvise nezandetse bkahava baranize umwuga ubafasha kwiteza imbere.***

Amwe mu masomo bigishijwe azabafasha kudasubira mu ngeso bahozemo ariko abafasha guhinduka mu myumvire, harimo indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, gahunda yo kwiyobora no kugira amahitamo meza (iLead program), imyuga itandukanye nk'ubwubatsi, ububaji, ubudozi, ubuhinzi n'ubworozi, ndetse n'ubukanishi.

Ni igikorwa cyabaye kuri uyu wa 1 Kanama 2026, mu kigo ngororamuco cya Iwawa giherereye mu kiyaga cya Kivu rwagati, mu Ntara y'Iburengerazuba, Akarere ka Rutsiro, Umurenge wa Boneza, Akagari ka Remera, Umudugudu wa Bigabiro, kiri ku buso bwa hegitari 140.

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique yibukije abanyeshuri ko ari bo bigenera igihe bamara hano kuko iyo uhindutse usezererwa ugataha, ariko udahindutse akaba akomeza kwiga kugeza ahindutse.

Yagize ati: "Uyu munsi turasubiza mu buzima busanzwe 2001 muri mwebwe, uko badusobanuriye ni uko abo bakorewe isuzuma, bagasanga amasomo bize barayize neza, bagaragaza impinduka, kandi ko biteguye gusubira mu muryango nyarwanda bagafatanya n'abandi.

Icyo bivuga ni uko ari mwe mwigenera igihe mumara mu igororamuco kuko iyo bagukoreye isuzuma bagasanga ibyo wize warabyize neza, impinduka uzigaragaza, mu byakuzanye warahindutse mu buryo bwose, baragusezerera ugasubira mu buzima busanzwe."


Yakomeje kandi asaba abagiye gutaha kuzaba abaturage beza bagafatanya n'abandi kubaka Igihugu birinda gusubira mu ngeso mbi zabazanye muri iki kigo.

Muri rusange icyiciro cya 25 kiri kugororerwa Iwawa kigizwe n'abanyeshuri 4 845 bamaze igihe gisaga umwaka n'amezi ane, bahabwa ubujyanama mu buryo butandukanye, bagatozwa kirazira zibafasha kuba Abanyarwanda Igihugu cyifuza, muri bo, abasaga 2 000 bahawe inyigisho zo gusoma no kwandika, bahawe umwanya wo kuvumbura no kugaragaza impano bifitemo, batojwe gukunda no kunoza umurimo, bakaba basaba ko Leta yashyiraho ingamba ziborohereza mu gihe bazasubira mu muryango bavuye mu igororamuco, harimo guterwa inkunga n'ibindi byatuma baba bahuze ntibasubire mu ngeso mbi.




Bamwe mu bari mu kigo cy'igororamuco cya Iwawa bitwaye neza basubijwe mu buzima busanzwe

# Perezida Kagame yakiriye inyandiko z'Abambasaderi ba Oman na New Zealand



**Ambasaderi wa Oman mu Rwanda, Madamu Nasra Bin Salim Bin Mohammed Al-Hashmi yakiriwe na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame**

**NTAWITONDA** Jean Claude

***Ku gicamunsi cyo kuri uyu wa Gatatu, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye inyandiko zemerera ba Ambasaderi babiri guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda. Abo ni Ambasaderi wa Oman Madamu Nasra Bint Salim Bin Mohammed Al-Hashmi na Ambasaderi wa New Zealand Madamu Olivia Charlotte Owen.***

Mu masaha ya mu gitondo, aba ba Ambasaderi babanje gushyikiriza kopi z'izo nyandiko Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Dr. Kaitesi Usta.

Muri Werurwe 2026, ni bwo hasohotse itegeko riturutse ibwami muri Oman ko Madamu Nasra Bin Salim Bin Mohammed Al-Hashmi yagizwe Ambasaderi wa Oman muri Kenya ari na ho afite icyicaro, ariko akanahagararira Igihugu cye mu Rwanda, muri Uganda no muri Malawi.

Uyu Mudipolomate ni n'Intumwa Ihoraho ya Oman mu Biro by'Umuryango w'Abibumbye Nairobi muri Kenya, akaba afite ubunararibonye buhambaye muri dipolomasi mpuzamahanga. Aje guhagararira Igihugu cye mu Rwanda mu gihe ibihugu byombi bikomeje kwishimira umuvuduko w'iterambere ry'umubano n'imikoranire mu bya dipolomasi, n'inzego z'inyungu bihuriyeho.

Ubufatanye bw'ibihugu byombi bushingiye ku itangizwa ry'ingendo z'indege zihuza Kigali na Muscat zikorwa na SalamAir, amasezerano ibihugu byombi bifitanye mu guteza imbere ikoranabuhanga, ubwikorezi bw'imizigo ndetse n'imikoranire ihoraho mu bya dipolomasi.

RwandAir na yo irateganya kwerekeza muri iki gihugu mu minsi iri imbere, mu rwego rwo kurushaho kwagura ibyerekezo n'amahirwe ku bakora ingendo zihuza ibihugu byombi mu nyungu z'ubucuruzi, ishoramari n'ubukerarugendo.

Ku rundi ruhande, Olivia Charlotte Owen uhagarariye New Zealand afite icyicaro i Addis Ababa muri Ethiopia. Ku wa 28 Mutarama 2026, ni bwo Inama y'Amabiminisitiri yateranye iyobowe na Perezida Kagame, yemeje Madamu Olivia Charlotte Owen nka Ambasaderi mushya w'icyo gihugu giherereye mu majyepfo y'inyanja ya Pasifika ku mugabane wa Oceania.

Umubano w'u Rwanda na New Zealand watangiye muri Mata 2012, ibihugu byombi bikaba bikomeje kuwuteza imbere mu bya dipolomasi ndetse no mu bukungu, binyuze mu biganiro bihoraho bya Politiki, ndetse n'inama z'ubucuruzi ziheruka hamwe n'indangagaciro bisangiye nk'ibihugu bihuriye mu Muryango wa Commonwealth.

# Ikinyabupfura gituma utajya mu bigusenya - Perezida Kagame ahanura Indangamirwa

**ZIGAMA** Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, ku wa kabiri tariki ya 28 Nyakanga 2026, yasuye Intore z'Urubyiruko 769 ziri mu Itorero Indangamirwa Icyiro cya 16 maze abasaba kwihatira kugira imyitwarire myiza (discipline) birinda ingeso mbi kuko zangiza ubuzima bwabo n'Igihugu.***

Mu mpanuro yabagejejeho, yabibukije ko ikinyabupfura n'imyitwarire myiza ari byo bituma umuntu atava ku ntego yiyemeje. Yavuze ko kugira ngo ubumenyi umuntu abona bugire akamaro bisaba imyitwarire mizima. Yagize ati: "Kubaha, kwiyubaha na kwa gushakisha kumenya, iyo ufite ubumenyi discipline yongera agaciro kuri bya bindi wamenye. Discipline ni ngombwa ituma utava ku ntego, utajya mu bindi bintu birimo n'ibitakubaka ahubwo bishobora kugusenya."

Yashimiye urwo rubyiruko rwafashe umwanya rukitabira itorero ndetse na Minisiteri yabafashije kubigisha amasomo y'ingirakamaro ndetse ko yizeye ko izo nyigisho zizabagirira akamaro. Yabibukije ko kwishora mu ngeso mbi bakiri bato bibagiraho ingaruka ku buzima bwabo bikagira n'ingaruka zikomeye ku miryango no ku Gihugu. Yagize ati: "Bamwe muri mwe muracyari bato, bikabagiraho ingaruka. Buriya bigira ingaruka ku buzima bw'abantu igihe kirekire. Ari ibyo by'ibiyobyabwenge n'ibindi byangiza bigakoresha abantu ibitari byo."

Yakomeje agira ati: "Urumogi uwababwiye ko rwakijije umuryango we ni nde? Muzanshakire umuntu umwe ushobora gutanga ubuhamya ko rwamukikije. Uwo muntu nimumunzanira nzabanza mpembe wowe, we kumuhemba simbizi kuko azaba abeshya."

Umukuru w'Igihugu yavuze ko iyo ibyo biyobyabwenge byangije urubyiruko biba byangije ubuzima bwabo ndetse n'ahazaza h'Igihugu.

Ni impanuro Umukuru w'Igihugu yatanze zishingiye ku makuru Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Dr. Bizimana Jean Damascene, avuga ko mu bitabiriye Itorero Ingangamirwa Icyiro cya 16 harimo abagaragayeho gukoresha ibiyobyabwenge no gutwara inda zitateganyijwe.

Yagize ati: "Ibibazo byugarije urubyiro na hano hari byo twahuye na byo. Twabonye abana babiri bafite ikibazo cy'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge hari n'abakobwa babiri twasanze batwite inda zidateganyijwe ari bato, byatumye batarangiza itorero."

Yunzemo ati: "Mu mahitamo akwiye izo Ntore zahisemo, harimo kuba ku isonga mu barwanya ibyo byonnyi byugarije urubyiruko ndetse abiga mu mahanga n'abazajyayo bakaba bariyemeje kuba ba Ambasaderi b'u Rwanda bakazirinda gutwarwa n'iby'ahandi binyuranye n'umuco nyarwanda".

Yavuze ko biyemeje guhitamo ibyiza bazabona mu mahanga bakitaza ibidakwiye n'ibifutamye. Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yavuze ko iri torero ryagize umwihariko kuko ryitabiriwe n'umubare munini kurusha ibindi byiciro byabanje kuko byose byitabirwaga n'abatarenze 500.

MINUBUMWE kandi ivuga ko kuri iyi nshuro abavuye mu mahanga babaye benshi kuko ubu ari 137 barimo abakobwa 66 n'abahungu 71; ibihugu byongereye umubare w'ababituritsemo ni Ubwami bw'u Bwongereza ndetse na Leta Zunze ubumwe z'Amerika.

Mu bikorwa by'ingenzi bibera muri iri torero harimo guhabwa ibiganiro n'ubuyobozi bukuru bw'Igihugu n'Ingabo z'u Rwanda, banasuye kandi ibikorwa bitandukanye birimo n'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kiziguro ndetse n'ingoro y'urugamba rwo kubohora Igihugu iri ku Mulindi mu Karere ka Gicumbi, kugira ngo basobanukirwe amateka y'u Rwanda ya nyayo.



**Prezida Paul Kagame yasabye urubyiruko kwihatira kugira imyitwarire myiza**

# Senateri Mukabalisa Donatille yitabye Imana azize uburwayi



Senateri Mukabalisa Donatille yitabye Imana ku myaka 66

KAMALIZA Agnes

***Senateri Mukabalisa Donatille wari na Perezida w'Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu (PL), yitabye Imana ku wa Kane tariki ya 30 Nyakanga 2026, azize uburwayi aho yari amaze iminsi arwariye mu bitaro byitiriwe Umwami Faisal i Kigali.***

Iyo nkuru y'akababaro yemejwe n'itangazo ry'Inteko Ishinga Amategeko Umutwe wa Sena kuri uyu wa Kane, aho ryagaragaje akababaro batewe n'urwo rupfu, yihanganisha inshuti n'umuryango.

Itangazo ryagize riti: "Sena y'u Rwanda ibabajwe no kumenyesha ko kuri uyu wa Kane tariki ya 30 Nyakanga 2026, Senateri Mukabalisa Donatille yitabye Imana mu bitaro byitiriwe Umwami Faisal i Kigali aho yari amaze iminsi arwariye. Gahunda zijyanye no kumuherekeza zizamenyeshwa nyuma. Sena yihanganishije umuryango we. Imana imuhe iruhuko ridashira."

Nyakwigendera Mukabalisa yavukiye i Nyamata mu Karere ka Bugesera, ahahoze ari Perefegitura ya Kigali Ngari, ku wa 30 Nyakanga 1960.

Yari umwe mu banyapolitiki b'inararibonye bagize uruhare rukomeye mu kubaka no gushimangira inzego z'imiyoborere nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yari azwi nk'umuyobozi utararangwaga n'amagambo menshi ahubwo ushyira imbere gukora, kubahiriza amategeko no gushaka ibisubizo binyuze mu bwumvikane.

Mu gihe yamaze mu buyobozi, yaba mu Nteko Ishinga Amategeko umutwe w'Abadepite no muri Sena, yagize uruhare mu bikorwa bitandukanye byagize uruhare mu iterambere ry'imiyoborere n'ishingwa ry'amategeko mu Rwanda.

Nyuma yo kurangiza amashuri abanza n'ayisumbuye, Nyakwigendera yize amategeko muri Kaminuza yigenga ya Kigali (ULK), ahakura ubumenyi bwamubereye ishingiro ry'inshingano nyinshi yaje gukora mu nzego z'Igihugu no mu miryango Mpuzamahanga.

Mbere yo kwinjira muri politiki, Mukabalisa yakoreye Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS), nyuma akorera imyaka igera kuri 16 Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP), aho yagize uruhare mu bikorwa byibandaga ku iterambere, imiyoborere no kubaka ubushobozi bw'inzego za Leta.

Mu mwaka wa 2000, yinjiye muri politiki aba umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yashyizweho nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri iyo Nteko yakoze imirimo itandukanye irimo no kuba Visi Perezida wa Komisiyo ishinzwe Ubukungu n'Ubucuruzi.

Mu 2003, nyuma y'amatora ya mbere yabaye hashingiwe ku Itegeko Nshinga ryo muri uwo mwaka, Mukabalisa yatorewe kuba Umudepite ahagarariye Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa Buri Muntu (PL), akomeza kugira uruhare mu bikorwa byo gutegura no gusuzuma amategeko ndetse no gukurikirana ibikorwa bya Guverinoma.

Mu myaka yakurikiyeho yakomeje kugaragaza ubushobozi bwe mu buyobozi no mu gukemura ibibazo binyuze mu biganiro no kubahiriza amategeko.

Mu 2013 yatorewe kuyobora Umutwe w'Abadepite

Ku wa 03 Ukwakira 2013, Senateri Mukabalisa yatorewe kuyobora Umutwe w'Abadepite, asimbuye Rose Mukantabana.

Ubwo yari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite yagize uruhare mu kwemeza amategeko atandukanye agamije guteza imbere ubukungu, imibereho myiza y'abaturage, ubuyobozi bwegerejwe abaturage, ishoramari, ikoranabuhanga ndetse n'ubutabera.

Yongeye gutorerwa uwo mwanya mu 2018, akomeza kuyobora Umutwe w'Abadepite kugeza muri Kanama 2024; bituma aba umwe mu bayoboye Inteko Ishinga Amategeko igihe kirekire mu mateka y'u Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu 2024 yabaye Senateri

Nyuma yo kurangiza manda ye nka Perezida w'Umutwe w'Abadepite, muri Nzeri 2024, yagizwe Senateri ahagarariye Ihuriro Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda.


Muri Sena yakomeje gukora imirimo yo gusuzuma amategeko, gutanga inama ku bibazo bireba Igihugu no gukurikirana ibikorwa bigamije guteza imbere imiyoborere myiza n'iterambere ry'Igihugu ndetse yari umwe mu bagize Komisiyo ya Sena ishinzwe Ubukungu n'Imari.

Nyakwigendera Senateri Mukabalisa, uretse inshingano ze mu Nteko Ishinga Amategeko, yanabaye Perezida w'Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa Buri Muntu, (PL) kuva mu 2016.

Kuri uwo mwanya yayoboye ibikorwa by'ishyaka mu rwego rwo gukomeza uruhare rwaryo mu miyoborere y'Igihugu no gushishikariza abanyamuryango kurangwa n'ubumwe, gukorera Igihugu no guteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikane no gushishikariza urubyiruko kumenya amateka y'Igihugu kugira ngo Jenoside itazongera kubaho ukundi.

Nyakwigendera Senateri Mukabalisa asize amateka nk'umwe mu bagore bagize imyanya ikomeye mu buyobozi bw'u Rwanda, ndetse urupfu rwe rusize icyuho mu muryango we, muri PL, muri Sena n'umuryango Nyarwanda muri rusange.

# Amb. Nzabamwita yatanze impapuro zo guhagararira u Rwanda muri Belarus




**Ambasaderi Nzabamwita yatanze impapuro zimuhesha guhagararira u Rwanda muri Belarus**

**SHEMA Ivan**

***Ambasaderi Maj. Gen. Joseph Nzabamwita yashyikirije Perezida wa Belarus, Aleksandr Lukashenko, impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri icyo Gihugu. Ni igikorwa cyabaye ku wa Kabiri tariki ya 28 Nyakanga 2026, mu Ngoro y'Umukuru w'Igihugu iherereye mu Murwa Mukuru wa Minsk.***

Perezida Lukashenko yavuze ko Belarus ishaka kwagura umubano wayo n'u Rwanda ndetse no gukorana mu ngeri zirimo ubuhinzi, uburezi, ikoranabuhanga, igisirikare n'umutekano.

Yanatanze igitekerezo cyo gushyiraho uburyo bwafasha kongera ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi, harimo no gushinga Komisiyo ihuriweho ishinzwe guteza imbere ubwo bufatanye. Amb. Maj. Gen. Joseph Nzabamwita asanzwe ahagarariye u Rwanda mu Burusiya ari na ho afite icyicaro.

Belarus ni kimwe mu bihugu byo ku mugabane w'u Burayi bikomeye, bikora ifumbire mvaruganda ikaba igera mu Rwanda inyuze mu bindi bihugu. Belarus kandi ni kimwe mu bihugu biza ku isonga ku Isi mu gukora no kugurisha imashini zikoreshwa mu buhinzi no mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

# Amasezerano ya RDC na FDLR anyuranyije n'aya Washington - Olivier Nduhungirehe

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko amasezerano aherutse gusinywa hagati ya Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'umutwe wa FDLR ntaho ahuriye n'aya Washington, ashimangira ko uwo mutwe utari mu mpande ziyagiramo uruhare ahubwo ko agamijwe kuwurandura burundu.***



**Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko amasezerano aherutse gusinywa hagati ya Guverinoma ya RDC n'umutwe wa FDLR ntaho ahuriye n'aya Washington**

Amasezerano hagati ya Guverinoma ya RDC na FDLR ashyira imbere inzira y'ibiganiro, irimo guhagarika imirwano, kwambura intwaro abarwanyi b'uwo mutwe wiganjemo abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, kubasubiza mu buzima busanzwe no kureba uko bashobora kwinjizwa muri gahunda za politiki n'iterambere.

Guverinoma ya RDC yatangaje ko ayo masezerano ari mu murongo wo kubahiriza aya Washington agamije kugarura umutekano mu Burasirazuba bw'icyo gihugu. Ku ruhande rw'u Rwanda, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe, yavuze ko ayo masezerano ya RDC na FDLR adafite aho ahuriye n'aya Washington yashyizweho umukono ku wa 4 Ukuboza 2025 n'Abakuru b'Ibihugu by'u Rwanda na RDC.

Yibukije ko ayo masezerano ya Washington ateganya ko FDLR isenywa kandi ikamburwa ubushobozi ubwo ari bwo bwose bwa gisirikare. Mu butumwa yashyize ku rubuga rwa X, bwasubizaga ubwa Minisitiri w'Itumanaho n'Itangazamakuru akaba n'Umuvugizi wa Guverinoma ya RDC wari watangaje ko gusinyana amasezerano na FDLR bigamije kubahiriza aya Washington, kuri uyu wa Kabiri tariki ya 29 Nyakanga 2026, Amb. Nduhungirehe yavuze ko isinywa ry'iyo nyandiko yiswe "porotokole" we yise ingengabitekerezo ya Jenoside, idahuye n'ukuri.

Yagize ati: "Amasezerano y'iki cyiswe "protocole" hagati ya se (Guverinoma ya Congo), umuhungu we (FDLR), n'umwuka mubi (ingengabitekerezo ya jenoside) ntabwo byubahiriza na gato Amasezerano ya Washington, ntaho abiteganya. Kandi ku mpamvu yumvikana, FDLR ikora Jenoside ntabwo iri muri ayo masezerano; ahubwo ni bo agamije gusenya.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko ibyo ari uburyo Kinshasa n'abo bafatanyije bugamije gutinza ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zo kugarura umutekano RDC yemeye, nk'uko ziteganywa mu nyandiko zigena uko ibikorwa bizakorwa (CONOPS) no mu Itegeko ry'Ibikorwa (OPORD), aho yavuze ko zagombaga kuba zashyizwe mu bikorwa mu gihe cy'iminsi 90.

Yakomeje avuga ko kuva ku wa 4 Ukuboza 2025, igihe hasinywaga Amasezerano ya Washington, Guverinoma ya RDC yakomeje kongera inkunga ya gisirikare iha FDLR, avuga ko bamwe mu bayigize binjijwe no mu ngabo z'icyo gihugu.

Yongeyeho ko Kinshasa yanakomeje ibikorwa byo guha FDLR urubuga rwa politiki, agaragaza amazina ya bamwe mu banyapolitiki batuye i Burayi, barimo Jean-Luc Habyarimana, umuhungu w'uwahoze ari Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvénal. Hari kandi Fabien Singaye, Thomas Nahimana na Thadée Kwitonda bakorana na yo.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko ibikorwa byo kwamamaza ayo masezerano mu bitangazamakuru nta cyo bihindura ku ishyirwa mu bikorwa ry'aya Washington.

Yagize ati: "Mu gusoza; ibi bikorwa byo kwigaragaza mu bitangazamakuru bikorwa n'iri huriro nta cyo bivuze kandi nta gaciro bifite."

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Inzoga zitujuje ubuziranenge ni izo kwirindwa kuko zangiza ubuzima*

Inzoga z'inkorano zitujuje ubuziranenge ni nyirabayazana w'indwara zitandukanye ku bazinywa, kuko zikorwa mu buryo bwangiza imitekerereze n'ingingo z'umubiri. Ni yo mpamvu inzobere mu buzima zisaba abaturage kwirinda kuzijyana ku munwa.

Kunywa inzoga nyinshi ubwabyo si byiza, ariko akaga karushaho iyo ari izitujuje ubuziranenge. Uwabaswe na zo, uretse kuba zishobora kumuhitana, aba atagitekereza neza ku byo akora, bikamusunikira mu bikorwa by'urugomo, gukubita no gukomeretsa, ibikorwa bifatwa nk'ibyaha bikomeye mu mategeko.

Impuguke mu by'ubuzima zigaragaza ko alukolo iyo igeze mu mubiri ihindura imikorere y'ubwonko. Ni yo mpamvu uwabinyoye ahindura uko atekereza, imyitwarire, ibyemezo afata n'amarangamutima. Hari n'igihe umuntu wavugaga neza atangira kudidimanga. Ibi bigaragaza ingaruka ku bwonko zishobora kuba iz'igihe gito cyangwa iz'igihe kirekire.

Leta ntiyakomeje kurebera ubuzima bw'abaturage buhatikirira. Ni yo mpamvu yafashe ingamba zirimo guhagarika ikorwa ry'inzoga zitujuje ubuziranenge, kuko ziteza uburwayi bukomeye burimo ubuhumyi, gupfa amatwi no kudashobora gukora kubera intege nke z'umubiri ndetse zikaba zishobora no gutera urupfu. Ibi byose bigira ingaruka ku iterambere Igihugu cyifuza kugeraho.

Imibare ya Minisiteri y'Ubuzima igaragaza ko inzoga zitujuje ubuziranenge muri uyu mwaka zahitanye abantu 50, abandi 100 bahuma amaso, mu gihe abagera kuri 500 bagiye kwivuza kubera ingaruka zazo. Uretse kuba ibizikoze ari uburozi, akenshi zikorwa mu buryo budafite isuku, zikavangwa n'ibintu bitagenewe kuribwa cyangwa kunyobwa; nk'amatafari, n'ibinyabutabire byangiza ubuzima birimo 'methanol'. Iki kinyabutabire gifite uburozi bukabije ku buryo idatera indwara gusa, ahubwo ishobora no guhitana ubuzima bw'abantu.

Mu gukemura iki kibazo, inshingano ni iya buri wese. Abenga n'abacuruza inzoga bakangurirwa gukora ibyujuje ubuziranenge, bagakomeza kubahiriza amabwiriza igihe bahabwaga icyemezo cy'ubuziranenge, aho kwirukira inyungu gusa. Kurengera ubuzima bw'abantu ni byo bikwiye kuza imbere.

Hakenewe ubufatanye bwa buri wese mu kurinda ubuzima n'umutekano by'abaturage. Inzoga zitujuje ubuziranenge ni ikibazo gikomeye, ariko inzoga zemewe kandi zigenzuwe ntiziteza ibibazo. Ni ngombwa ko ibikorwa byo kwenga no gucuruza inzoga bikomeza kugenzurwa, kugira ngo hirindwe ingaruka zishobora gushyira ubuzima bw'abazinywa mu kaga.

**Ubwanditsi**

# 2026/2027: Abaziga mu Mashuri Nderabarezi baziga imyaka 5




**Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yagaragaje impamvu abiga mu Nderabarezi baziga imyaka 5, bakazaba bafite impamyabumenyi ya kaminuza, icyiciro cya mbere**

**NYIRANEZA Judith**

***Minisiteri y'Uburezi iratangaza ko abaziga mu Mashuri Nderabarezi (TTC) umwaka utaha bazajya biga imyaka 5, kuko bazahita bakomereza muri Kaminuza bagasoza bafite icyiciro cya mbere cya kaminuza (A1), hagamijwe kugera ku ireme ry'uburezi u Rwanda rwifuza.***

Yabigarutseho ku wa Gatandatu tariki ya 1 Kanama 2026, ubwo yagaragazaga ishusho y'uburezi uko ihagaze, cyane ko u Rwanda rufite gahunda yo kugera ku bukungu bushingiye ku bumenyi, binyuze mu guteza imbere ikoranabuhanga, uburezi bufite ireme, no guhanga udushya.

Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yagize ati: "Abazatangira kwiga ubwarimu ubu, baziga imyaka 5 mbere yuko bigisha, aho kwiga itatu yari imenyerewe, ariko muri iyo myaka 5 azasohoka afite icyiciro cya mbere cya kaminuza (A1)."

Yavuze ko mu mashuri abanza higisha abarimu bafite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye ariko ko bikenewe ko bazamura bakagera ku cyiciro cy'amashuri ya kaminuza.

Ati: "Ubu abarimu dufite mu mashuri abanza bafite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (A2) mu Nderabarezi, urebye mu bihugu duturanye no hirya no hino ku Isi usanga na bo barahereye nk'ahongaho ariko bakagenda bazamuka, natwe rero tugomba kuzamura, tugaha imbaraga ubumenyi abarimu bacu kuko ni bo badufasha kwigisha abanyeshuri. Turebye ibyo dukeneye, tukareba icyerekezo 2050, ni ngombwa ko dushaka abarimu bakenewe kugira ngo batugeze ku rugero twifuza."

Yakomeje asobanura uburyo bizakorwamo abarimu bigisha mu mashuri abanza bagire impamyabumenyi ya kaminuza. Ati: "Bizakorwa mu byiciro bibiri, tuzazamura icyiciro cy'abarimu bigisha mu mashuri abanza kugira ngo bazabe bafite impamyabumenyi ya kaminuza ari icyiciro cya mbere ndetse n'icya kabiri cya kaminuza."

Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana, yavuze ko bizakorwa mu byiciro kugira ngo abarimu batazabura. Ati: "Tuzabikora mu byiciro bibiri, icyiciro cya mbere tuzahera ku bafite icyiciro cy'amashuri yisumbuye (A2) bagere ku cyiciro cya mbere cya kaminuza (A1). Icyiciro cya kabiri kizava kuri A1 kijye ku cyiciro cya kabiri cya kaminuza (A0).

Tuzabikora mu myaka 10, aho mu myaka 5 ya mbere tuzava ku cyiciro cy'abafite A2 babe bafite icyiciro cya 1 cya kaminuza (A1), noneho mu yindi myaka 5, tujye ku bafite imyaka 2 ya kaminuza bagere ku cya kabiri cya kaminuza (A0), bizatuma dukomeza kubona abarimu."

Ku barimu bari basanzwe bigisha bafite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye, yakomeje agira ati: "Abarimu bari basanzwe bigisha bafite impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye (A2), ntibumve ko kuri bo hari ikigiye guhinduka ngo babure akazi, bazakomeza bigishe, ahubwo tuzashyiraho gahunda zo kubafasha kugira ngo na bo bazamure ubumenyi bwabo. Ikigamijwe ahangaha ni ukuzamura ireme ry'uburezi, gukorana n'abarimu n'abayobozi b'ibigo kugira ngo bagire icyo batanga. Ni gahunda izashyira u Rwanda ku rwego mpuzamahanga abana bagahabwa uburezi bufite ireme, bakwiriye."

Minisitiri yavuze kandi ko kuko abanyeshuri bakoze ibizamini iyi gahunda itaratangazwa bazanakorana n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) ku buryo, niba hari uwasabye kwiga mu Nderabarezi akaba yumva izi mpinduka yashaka kubivamo, yavamo kimwe nuko hari uwumva ari byiza kandi atari yasabye TTC bazahabwa amahirwe.

Kuba abiga muri TTC, bazajya barangiza kwiga bafite icyiciro cya mbere cya kaminuza, ni imwe mu mpinduka enye nibura zizatangira gukurikizwa mu mwaka w'amashuri utaha, harimo ko abiga mu mashuri abanza bazajya biga bageze saa cyenda noneho ubwabo bakiyungura ubumenyi mwarimu atari imbere, ahubwo umunyeshuri ari we uri imbere, ubwabo bagatyaza ubumenyi ku byo bigishijwe.

Ku wa Gatanu, abana bazajya bataha saa cyenda n'igice noneho abarimu bo bongere bwa bushobozi kuko abarimu bakeneye amahugurwa, ntibashobora kubikora abana bari ku ishuri, kunoza imyitwarire no kongera amafaranga ajyanye no kugaburira abana ku mashuri saa sita.

# Sobanukirwa uburiganya bukoreshwa mu icuruzwa ry'abantu

NYIRANEZA Judith

***Icuruzwa ry'abantu ni icyaha gisa n'ubucakara bwahinduye isura, aho umuntu atwarwa cyangwa agashukwa mu buryo butandukanye yerekwa inyungu abifitemo birimo akazi, amashuri, kandi agasabwa kubigira ibanga rikomeye. Bumwe mu buriganya bukoreshwa usanga bushingiye ku masezerano y'ibinyoma asozwa akenshi no gukoreshwa imirimo y'agahato n'ibindi.***

Umuyobozi w'Ishami ry'ibyaha byihariye mu Rwego rw'Ubugenzacyaha (RIB), Kayirebwa Christine yagaragaje uburiganya bukoreshwa mu bucuruzi bw'abantu, atanga n'inama zigamije kubukumira no kwirinda kugwa muri ubwo bucuruzi buhanwa n'amategeko.

Yagize ati: "Guhera muri Mutarama kugeza Kamena 2026, hamaze kugaragara abantu 204 bacurujwe. Ubu urubyiruko rusigaye rubigaragaramo. Imibare irimo kuzamuka, turakora ubukangurambaga hirya no hino, ku maradiyo, ku mipaka kugira ngo abantu bamenye iki cyaha ndetse banagikumire.

Kwizezwa akazi n'umushahara mwiza mu bihugu by'amahanga, kwiga mu mahanga hanyuma bagerayo bagasanga ibyo bagiye gukora bitandukanye n'ibyo basezeranyijwe, bikaba bituma umuntu ashobora gucuruzwa kandi ntahite abimenya cyane ko aba yijejwe ibintu by'agaciro."

Kayirebwa yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na RBA tariki ya 26 Nyakanga 2026, asobanura ko akenshi usanga icyo cyaha gikorwa mu buryo bw'uruhererekane, aho akenshi bifashisha umuntu uziranye n'uwo bashaka gutwara kugira ngo amugirire icyizere.

Uburyo icyaha cy'icuruzwa ry'abantu gikorwamo

Uburyo bwa mbere ni ugushuka abantu: aho abagurisha abantu bakoresha imbuga nkoranyambaga cyangwa bakizeza urubyiruko amashuri n'akazi ko hanze y'igihugu. Bizeza umuntu akazi cyangwa ubundi buzima bwiza hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu itumanaho, inshuti ze n'abo bafitanye isano mu muryango.

Kumufasha kubona ibyangombwa birimo urwandiko rw'inzira rumwemerera guca ku mupaka, viza, itike y'urugendo, n'ibindi. Kumufasha gukora urugendo akava aho atuye akajya aho abagizi ba nabi bashaka kumucuruza cyangwa kumushakiramo inyungu baherereye.

Uburyo bwa kabiri ni ukwamburwa uburenganzira, iyo umuntu amaze kugenda hakurikiraho kwamburwa uburenganzira, mbere yo guhaguruka babanza kwigisha uwo bashaka gucuruza ibyo aza kuvuga ageze ku kibuga cy'indege, kugira ngo batamukeka, akenshi bakamushakira ibyangombwa akanuririra indege hanze y'igihugu, bagera aho bajyanywe, bakamburwa indangamuntu cyangwa pasiporo bagakoreshwa ku gahato.

Kumukurikirana no kumucungira hafi kugeza ageze aho agomba gucuruzwa cyangwa gushakirwamo inyungu, kumwakira no kumugira ingwate kugira ngo adacika abafite umugambi wo kumushakiramo inyungu zari zigamijwe igihe bamureshyaga cyangwa bamuvanaga aho atuye.

Uburyo bwa gatatu ni ukubakuramo inyungu, hari aho usanga bacuruzwa bagashorwa mu busambanyi, bagakoreshwa mu buraya abandi bagakurwamo ingingo z'umubiri cyangwa bagakoreshwa ibyaha.



Icuruzwa ry'abantu rikorwa mu buryo bw'ibanga, aho ucuruzwa adapfa kubimenya

Kayirebwa yavuze ko gushukwa bidaterwa n'ubukene, ahubwo akenshi haba habayeho kudashishoza, ati: "Ntabwo abakene bose bajya mu icuruzwa ry'abantu, wakorera make ukamenya uko uyacunga kuko washaka gucunga menshi na ya yandi make ukayabura, ukaba wanahaburira ubuzima."

Yagiriye inama ababyeyi kuba hafi abana, babona hari ikitagenda bagatanga amakuru, kugira ngo hakumirwe kuba bacuruzwa. Urubyiruko arusaba guhera ku mahirwe igihugu kibaha bakanyurwa, ntibashakire indonke mu byashyira ubuzima bwabo mu kaga. Buri wese kandi ashishikarizwa gushishoza kuko ari ibyaha byibasira abantu bo mu myaka yose.

Mu kurwanya ikibazo cy'icuruzwa ry'abantu, hashyizweho amategeko arimo itegeko No 51/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigena ibyerekeye kurwanya, gukumira no guhana icuruzwa ry'abantu. Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya icuruzwa ry'abantu, uba ku wa 30 Nyakanga.

# Expo 2026 yashyushye, ibyicungo by'abana n'ibirimbisha abagore mu bikunzwe

KAMALIZA Agnes

***Ku nshuro yaryo ya 29, Imurikagurisha Mpuzamahanga (Expo2026), ryongeye kubera i Gikondo mu Karere ka Kicukiro, aho ibirungo by'ubwiza by'abagore n'abagabo, ibyicungo n'ibikinisho by'abana, imitako n'indi mirimbo bihari ku bwinshi.***

Ku wa 29 Nyakanga 2026 ni umunsi waryo wa kabiri, aho abaturutse mu Rwanda no hanze yarwo batangiye kwitabira basura ibice bitandukanye bashakisha ibyo bakwihahira. Nubwo ari umunsi wa kabiri bamwe bakiri kubaka




Mu Imurikagurisha Mpuzamahanga (Expo2026), haba harimo n'ibyicungo by'abana

aho bakorera, abandi barundanya ibikoresho byo kubakisha ariko hari urujya n'uruza ndetse ab'inkwakuzi batangiye kwihahira ibyabo.

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya bacuruza ibirungo by'ubwiza, amasakoshi y'abagore n'ibyicungo by'abana bavuga ko bizeye ko iyi Expo izagenda neza kuko nubwo ari mu minsi ya mbere bari kubona ababagana bagahaha abandi bakabaza biciro ntibagure ariko bigaragara ko bafite gahunda.

Iradukunda Kenia uri gucuruza amasakoshi, yagize ati: "Abakiriya bari kumbaza ariko hari n'abahashye biragaragara ko uko iminsi izagenda yicuma bazarushaho kwiyongera."

Mwihoreze Malaika, ucuruza ibikinisho by'abana n'ibyicungo byabo na we yagize ati: "Biracyari mu ntangiriro ariko hari icyizere ko abakiriya benshi bazaboneka, ahubwo ababyeyi nibazane abana kuko ni ibihe by'ibiruhuko."

Urugaga rw'Abikorera mu Rwanda (PSF), rutangaza ko ibigo n'inganda zikorera mu Rwanda zamaze kwiyandikisha zirenga 150, mu gihe abazamurika baturutse mu mahanga barenga 120.

Biteganyijwe ko muri rusange Expo2026, izarangira yitabiriwe n'abamurika barenga 500, ikazasurwa n'abarenga ibihumbi 300, mu gihe urubyiruko rurenga 2 000 ari rwo rwitezweho kuzabonamo amahirwe y'akazi.

# RDF yungutse abasirikare bashya



Abasirikare bashya binjiye muri RDF bagaragaje ubumenyi buhambaye bahawe

SHEMA Ivan

***Ingabo z'u Rwanda (RDF) zungutse abasirikare bashya bagizwe n'urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa, basoje imyitozo y'ibanze bari bamazemo amezi atandatu mu Ishuri ry'Imyitozo ya Gisirikare rya Nasho (BMTC Nasho) giherereye mu Karere ka Kirehe.***

Umuhango wo kubinjiza mu ngabo wayobowe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'u Rwanda, Gen Mubarakh Muganga, witabirwa n'abandi bayobozi bakuru mu nzego z'umutekano.

Ni umuhango wabaye ku wa 30 Nyakanga 2026. Abinjiye muri RDF

berekanye ubumenyi n'ubushobozi bungukiye mu mahugurwa, birimo gukoresha intwaro neza barasa ku ntego no gukora imyitozo itandukanye ya gisirikare, bagaragaza ko biteguye gukora inshingano batanga ikiguzi icyo ari cyo cyose mu kurinda no gukorera Igihugu.

Gen Mubarakh Muganga yashimiye abo basirikare ku kwihangana, ubwitange n'umurava bagaragaje mu gihe cyose cy'amahugurwa.

Yabakiriye mu muryango mugari wa RDF, anabashishikariza gukoresha ubumenyi bungutse mu kurinda ubusugire bw'u Rwanda no kurinda umutekano w'abaturage.

Gen Mubarakh Muganga kandi yabibukije inama zatanzwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba n'Umugaba w'Ikirenga w'Ingabo z'u Rwanda, ku rubyiruko rwitabiriye Gahunda y'Indangamirwa yabereye mu Kigo cy'Amahugurwa cya Gabiro giherereye mu Karere ka Gatsibo gukomeza guharanira kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco nyarwanda, imigenzo, amahame n'indangagaciro by'u Rwanda, no guhora biteguye guhangana n'icyahungabanya umutekano w'Igihugu.

Yanabakanguriye kwirinda ubunebwe, amacakubiri, imvugo zibiba urwango cyangwa zishyigikira ayo macakubiri, ndetse n'imyitwarire mibi irimo ubusinzi n'ubusambanyi.

Yongeyeho ko amahugurwa barangijeariintangiriroy'urugendo rwabo rwa gisirikare, ashimangira ko bazakomeza guhabwa andi mahugurwa agamije kongera ubumenyi n'ubushobozi bwabo hakurikijwe uko inshingano za RDF zigenda zihinduka.

# U Rwanda rwasinye amasezerano ya AU yo guhashya ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa

ZIGAMA Theoneste

***U Rwanda rwashyize umukono ku masezerano y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) agamije guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa, ruba igihugu cya cyenda mu bigize uwo Muryango byayasinye.***

Aya masezerano yashyizweho umukono ku itariki ya 28 Nyakanga 2026, na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe, ubwo yari yitabiriye Inama ya 49 isanzwe y'Inama Nyobozi y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe yabereye i Addis Ababa muri Ethiopia.

ndetse na politiki y'Igihugu yo kwimakaza uburinganire.


Amasezerano y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe agamije guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa ni yo ya mbere ya AU ashingiye ku mategeko, yibanda by'umwihariko ku kurandura iryo hohoterwa.

Ateganya amahame rusange ibihugu bigize AU bigomba gukurikiza mu gukumira iri hohoterwa, kurinda abarikorewe no gutuma abarigizemo uruhare babihanirwa.

Muri aya masezerano, ibihugu bisabwa gushyiraho cyangwa gukomeza gushimangira amategeko ahana ibyaha byose by'ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa, birimo irikoreshejwe imbaraga z'umubiri, irishingiye ku babihanirwe.

Aya masezerano kandi asaba ibihugu gukusanya no gukoresha amakuru afasha mu gutegura politiki, kongera ubukangurambaga no kwigisha abaturage, guhangana n'imico n'imigenzo mibi iteza cyangwa ishyigikira ihohoterwa, ndetse no gushyira amafaranga ahagije muri gahunda zigamije gukumira ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Olivier Nduhungirehe, yashyize umukono kuri aya masezerano mu gihe yari yitabiriye Inama y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU Executive Council), ihuza ba Minisitiri b'Ububanyi n'Amahanga b'ibihugu bigize AU aho baganiriye ku bibazo by'ingenzi byugarije Umugabane wa Afurika



Mu nama ya AU ya 49 y'Abaminisitiri, u Rwanda rwasinye amasezerano yo guca burundu ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa

Aya masezerano ashyiraho imirongo migari yo mu rwego rw'amategeko ku Mugabane wa Afurika igamije gukumira no guhangana n'uburyo bwose bw'ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa.

Nyuma yo kuyashyiraho umukono, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe yatangaje ko u Rwanda ruyashyigikiye kuko ajyanye n'icyerekezo cyarwo gitsina, iryo mu mitekerereze n'iry'ubukungu, ryaba rikorewe mu ruhame cyangwa mu buzima bwite.

Ibihugu binasabwa kunoza uburyo abakorewe ihohoterwa bahabwa ubutabera na serivisi zibafasha, zirimo ubuvuzi, ubujyanama mu by'imitekerereze, ubufasha mu by'amategeko ndetse n'ahantu hizewe ho kuba. Ibyo bihugu kandi bisabwa gukaza iperereza no gukurikirana mu nkiko abakora ibi byaha kugira ngo no gutegura imyanzuro ishyikirizwa Inteko y'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma.

Muri iyo nama y'iminsi ibiri yabereye i Addis Ababa, ba Minisitiri baganiriye ku buryo bwo gukomeza kubungabunga amazi no gutuma aba meza ndetse n'isuku bikaboneka ku buryo burambye, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego ziri muri Gahunda ya Afurika yo mu mwaka wa 2063.

# Rutsiro: Ibiti bisaga ibihumbi 105 bigiye guterwa ku nkengero z'Ikiyaga cya Kivu

**ZIGAMA Theoneste**

***Mu rwego rwo gukomeza kubungabunga ibidukikije no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe, mu Karere ka Rutsiro mu Murenge wa Kivumu, hatangijwe umushinga wo gutera ibiti bisaga ibihumbi 105 ku nkengero z'Ikiyaga cya Kivu n'ahandi, bikazafasha gusana ubutaka bwangiritse kubera inkangu no guteza imbere imibereho y'abaturage.***

Mu gihe cy'imyaka itandatu, uwo mushinga biteganyijwe ko uzasana hegitari 260 z'ubutaka bwangiritse zirimo 40 zo mu gice gikikije Ikiyaga cya Kivu. Hazaterwa ibiti by'ishyamba n'iby'imbuto ziribwa hagamijwe kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, kurwanya isuri, kongera uburumbuke bw'ubutaka no guteza imbere ubuhinzi.

Uyu mushinga kandi uteganya guhanga imirimo 331 irengera ibidukikije, ukazagirira akamaro abaturage 747 mu buryo butaziguye, mu gihe abarenga 4 200 bazungukira ku musaruro wawo binyuze mu kongera umusaruro w'ubuhinzi, kubungabunga ibidukikije no kubona amahirwe mashya y'ubukungu.

Uyu mushinga wiswe 'Agroforestry and Farmers Planning for Livelihood Improvement and Landscape Restoration', ushyirwa mu bikorwa n'Akarere ka Rutsiro, ku nkunga y'Umuryango wa 'Centre d'Intervention et d'Action Communautaire (CIAC Rwanda)' n'uwa 'TerraFund AFR100' mu ishami rya 'Restore Local', imiryango isanzwe ikora ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije, watangijwe ku wa 28 Nyakanga 2026 mu Murenge wa Kivumu.

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Uwizeyimana Emmanuel yavuze ko uyu mushinga utagamije gutera ibiti gusa, ahubwo witezweho guteza imbere imibereho y'abaturage. Yagize ati: "Hari imishinga yakoze ibikorwa bisa n'ibi ariko ntihaboneke impinduka zifatika kubera ko abaturage batabonye inyungu zirambye. Nitubasha kugera ku ntego zo kubona amashyamba akura neza, ubutaka bubungabunzwe n'abaturage bungukira muri uwo mushinga, tuzaba tugeze ku iterambere rirambye."

Yasabye abaturage gutangira gutegura ubuhumbikiro bw'ibiti no kwita ku bizaterwa kugira ngo bikure neza. Umwe mu bashinze CIAC Rwanda, Léon Nduwayezu, yashimiye Guverinoma y'u Rwanda kuba yarashyizeho politiki zishyigikira ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije no kongera ubushobozi bw'abaturage bwo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe.

Yagize ati: "Nitubasha kugabanya ikibazo cyo gukoresha amakara menshi, tuzaha amashyamba umwanya uhagije wo gukura, tunatekereze ku yindi mishinga y'iterambere idahungabanya ibidukikije." Yatangaje ko CIAC izaha imiryango amashyiga arondereza amakara, azafasha kugabanya ikoreshwa ry'ibicanwa biva mu mashyamba, anatangaza ko hazongerwa ibikorwa byo gufasha urubyiruko binyuze mu matsinda yo kwizigama no kwigisha gusoma no kwandika abaturage bakuze.

Muri iyi gahunda kandi biteganyijwe ko hazaterwa ibiti gakondo n'iby'imbuto ziribwa bihuye n'imiterere y'ako Karere, aho bizagira uruhare mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, kugabanya ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe no guteza imbere ubuhinzi mu buryo burambye.

Igikorwa cyo gutangiza uwo mushinga cyaranzwe n'ubukangurambaga bwo gushishikariza abaturage kubungabunga ibidukikije binyuze mu ndirimbo, imivugo n'amakinamico, ku nsanganyamatsiko igira iti "Nta Giti, Nta Buzima", bikaba kandi byari bigamije gushishikariza abaturage kwitegura igihe cyo gutera ibiti kizatangira mu Ukwakira 2026 no kubyitaho kugira ngo bizagirire akamaro ibisekuru bizaza.

Uhagarariye 'Restore Local', Tuyizere Mucyo Ndera, yavuze ko intego za gahunda ya Afurika yo gusana amashyamba n'ubutaka (AFR100) zitagerwaho abaturage batagize uruhare mu kubungabunga ibiti.



**Hatangijwe umushinga wo gutera ibiti bisaga ibihumbi 105 ku nkengero z'Ikiyaga cya Kivu n'ahandi**

Yashimangiye ko "Nta Giti, Nta Buzima" atari insanganyamatsiko yateguwe uyu mwaka gusa, ahubwo ari ubutumwa bwerekana ko ubuzima bw'abaturage bushingiye ku mashyamba atanga imvura n'ibindi bikenerwa mu buzima bwa buri munsi.

Uyu mushinga uhuye n'intego z'u Rwanda zo kongera amashyamba no gusana ubutaka bwangiritse, ndetse unashyigikira gahunda nyafruka yiswe AFR100, aho ibihugu bya Afurika byiyemeje gusana hegitari miliyoni 100 z'ubutaka bwangiritse bitarenze mu 2030.

# U Rwanda rwahawe miliyari 2,9 Frw yo kwitegura kurwanya Ebola



U Rwanda rwahawe amafaranga yo gukumira ebola

IMVAHO NSHYA

***Umuryango w'Abibumbye wageneye u Rwanda miliyoni 2 z'amadolari y'Amerika, ni ukuvuga miliyari 2,9 z'amafaranga y'u Rwanda mu rwego rwo gushyigikira gahunda yarwo yo kwitegura guhangana n'icyorezo cya Ebola kimaze kugaragara ku basaga 3 200 mu gihugu cy'abaturanyi cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Iyo nkunga yatanzwe n'Ikigega cya Loni gishinzwe ubutabazi bwihuse (CERF- Central Emergency Response Fund) mu gushimangira ubushobozi bw'u Rwanda mu kwitegura no gukumira ko icyorezo cya Ebola gishobora kwinjira mu Gihugu, biturutse kuri virusi ya Bundibugyo buri kugaragara mu karere cyane cyane muri RDC.

Iyo nkunga itanzwe mu gihe Minisiteri y'Ubuzima (MoH) ihamya ko kugeza uyu munsi nta murwayi wa Ebola uragaragara mu Rwanda, ariko ingamba zo ku mipaka no mu mavuriro cyangwa ahahurira abantu benshi zarushijeho gukazwa mu kurinda ubuzima bw'abaturarwanda.

Aya makuru yatangajwe n'Umuvugiz wungirije w'Umunyamabanga Mukuru wa Loni, Farhan Haq mu kiganiro n'abanyamakuru cyabaye mu ntangiriro z'iki cyumweru I New York muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (UN)

Yavuze ko Umuryango w'Abibumbye n'abafatanyabikorwa bawo mu bikorwa by'ubutabazi bakomeje gushyigikira imbaraga Leta y'u Rwanda yashyize mu kongera imyiteguro yo guhangana n'icyorezo cya Ebola no kugikumirira mu Turere duhana imbibi na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo by'umwihariko.

Yavuze ko Ibiro bya Loni bishinzwe Guhuza Ibikorwa by'Ubutabazi (OCHA) bimaze igihe kinini bitoza abakora mu rwego rw'ubuvuzi hagamijwe kongera ubumenyi n'imiteguro yabo cyane cyane mu bice bifite ibyago biri hejuru byo kuba byakwinjirirwa na Ebola.

Yagize ati: "Abafatanyabikorwa ba Loni bongereye ubumenyi abakora mu rwego rw'ubuzima ku bijyanye no gukumira ubwandu no guhangana na bwo, gutahura uburwayi bushya ndetse no gutangira amakuru ku gihe. Abafatanyabikorwa ba Loni na none kandi batanze ibikoresho by'ubwirinzi, ibyo gufata ibipimo, ibyo gusuzuma, amazi meza n'ibikorwa by'isukura by'umwihariko mu duce dufite ibyago byinshi byo kwinjirirwa."

Yakomeje agira ati: "Imbaraga zo gukurikirana iki cyorezo zirakomeje, harimo gusuzuma abinjirira ku mipaka y'ingenzi no kwagura uburyo bwo gukurikirana isuku n'isukura ry'ibidukikije n'amazi yanduye. Hari kandi ibikorwa by'ubukangurambaga no gufatanya n'abaturage binyuze mu biganiro kuri radio n'inyandiko ziriho ubutumwa."

Farhan Haq yavuze ko OCHA ikomeje gutangaza izamuka ry'abarwayi ba Ebola n'imfu muri RDC, bikaba bikomeje gushyira igitutu kuri serivisi z'ubuvuzi no ku mbaraga zishyirwa ku guhangana n'iki cyorezo.

Kugeza ku wa 25 Nyakanga, yavuze ko abayobozi b'ubuzima ku rwego rw'Igihugu bemeje abarwayi ba Ebola basaga 3 200 mu Ntara ya Ituri, iya Kivu ya Ruguru, iya Haut-Uele ndetse n'iya Tshopo. Haq akomeza agira ati: "Abarwayi bashya basaga 100 bagaragaye mu munsi wakurikiyeho."

Ahamya ko Loni n'abafatanyabikorwa bayo bakomeje gushyigikira ubuyobozi bwa Congo mu birebana no gukurikirana imiterere y'iki cyorezo, abahuye n'abarwayi, ibipimo bipimirwa muri laboratwari ndetse no kwita ku barwayi.

Ati: "Ishami rya Loni ryita ku Biribwa (WFP) ryatanze ibyo kurya ku barwayi, abahuye n'abarwayi n'abatishoboye basaga 23 000, mu Ntara ya Ituri, Kivu ya Ruguru n'iya Kivu y'Amajyepfo."

Yasobanuye ko Ikigega cya Loni cyita ku bana n'abafatanyabikorwa cyasuye ingo zirenga 27 000 mu gushyigikira no gukurikirana abakekwaho ubwandu mu miryango yagaragayemo ubu bwandu.

Hagati aho Haq yavuze ko imbaraga zo kongera imyiteguro yo guhangana n'icyorezo mu Ntara zitaragaragaramo iki cyorezo. Ati: "Uyu munsi Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) watangije amahugurwa y'impuguke mu isuku ku Bitaro Bikuru byo mu Ntara ya Bas-Uele mu kugabanya ibyago byo gukomeza kwaguka.

# Loni yashimiye u Rwanda rukomeje kugira izamuka rihamye ry'ubukungu

SHEMA Ivan

***Raporo nshya ya Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe Ubukungu muri Afurika (UNECA), Ishami rishinzwe Afurika y'Iburasirazuba, yagaragaje ko u Rwanda rukomeje kugira izamuka rihamye ry'ubukungu n'iterambere rigaragara nubwo Isi yugarijwe n'ibibazo bikomeye birimo n'iby'ubukungu.***

Ibi bikubiye muri raporo ya UNECA yiswe "Macroeconomic and Social Overview 2026: Eastern Africa's Balancing Act – High Growth, Tight Budgets, and Rising Uncertainty", isesengura uko ubukungu n'imibereho y'abaturage bihagaze mu bihugu byo muri Afurika y'Iburasirazuba.

Iyi raporo yerekana ko u Rwanda ruza ku mwanya wa mbere mu kugira ingengo y'imari yiyongereye kurusha ibindi bihugu mu 2025/2026 ugereranyije n'umwaka wabanje, aho rwitaye ku kongera ishoramari mu bikorwa remezo, ubuhinzi, gukwirakwiza amashanyarazi, uburezi, ubuvuzi, imiturire n'Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali kiri i Bugesera. UNECA yavuze ko izi gahunda zijyanye n'umurongo w'u Rwanda wo kuba igicumbi cy'ubwikorezi bwo mu kirere, ubucuruzi na serivisi muri Afurika y'Iburasirazuba.

Muri raporo yayo, UNECA yavuze ko u Rwanda rwagize

KOMEZA KU RUP.12

# Loni yashimiye u Rwanda rukomeje kugira izamuka rihamye ry'ubukungu

IBIKURIKIRA URUP.11

iterambere rishingiye ku nzego nyinshi, aho ibikorwa by'ubwubatsi, inganda ndetse na serivisi byagize uruhare rukomeye mu kuzamuka k'ubukungu. Mu gihembwe cya kane cya 2025, ubukungu bw'u Rwanda bwiyongereye ku kigero cya 11,2%, bitewe n'ubwiyongere bw'ibikorwa by'ubwubatsi, inganda, ubucuruzi, ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) na serivisi.

Raporo ivuga ko iri terambere ryerekana ko ubukungu bw'u Rwanda butagishingiye ku rwego rumwe gusa, ahubwo buri kugenda bwaguka mu nzego zitandukanye zitanga umusaruro. UNECA yavuze ko izi gahunda zijyanye n'umurongo w'u Rwanda wo kuba igicumbi cy'ubwikorezi bwo mu kirere, ubucuruzi na serivisi muri Afurika y'Iburasirazuba.



Loni yashimiye u Rwanda uko ubukungu bwarwo bukomeza kuzamuka

Mu bijyanye n'imari ya Leta, UNECA yashimangiye ko u Rwanda rukomeje gucunga neza umwenda warwo, aho hafi 90% by'umwenda wa Leta ugizwe n'inguzanyo zihendutse kandi zoroshye kwishyura.

Iyi Komisiyo yavuze ko u Rwanda rukomeje kuba ahantu hakurura ba mukerarugendo baturutse muri Afurika no hanze yayo, cyane cyane mu bijyanye n'inama mpuzamahanga, ubucuruzi n'ubukerarugendo bwo kwidagadura. UNECA kandi yagaragaje ko ubukerarugendo bukomeje kuba rumwe mu nzego z'ingenzi mu bukungu bw'u Rwanda.

# Abofisiye b'Ingabo za Zimbabwe bari kwigira ku mutekano n'imiyoborere by'u Rwanda

IMVAHO NSHYA

***Itsinda ry'abofisiye bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Zimbabwe bari mu ruzinduko rw'ibyumweru bibiri mu Rwanda rugamije kurushaho gushimangira ubufatanye mu bya gisirikare ndetse no kunguka ubumenyi ku rugendo rwihariye u Rwanda rwanyuzemo mu kubaka umutekano ndetse n'imiyoborere.***

Uyu mwanzuro wabaye iherezo ry'urugendo rurerure rw'ubutabera ku barokotse n'imiryango y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ikirego cya mbere gishinja Dr. Rwamucyo cyatanzwe na CPCR, (Collectif des Parties Civiles pour le Rwanda), Ihuriro ry'imiryango ikurikirana abagize uruhare muri Jenoside bihishe ubutabera, tariki ya 23 Mata 2007, mu gihe Urukiko Gacaca rw'i Butare rwamukatiye burundu mu 2009.

Dr. Rwamucyo bwa mbere yakatiwe igifungo cy'imyaka 27 tariki ya 30 Ukwakira 2024 ajuririra icyemezo cy'urukiko. Urukiko rw'ubujurire rwagumishijeho icyo gihano nubwo ubushinjacyaha bwari bwamusabiye imyaka 30. Mu bujurire, Dr Rwamucyo yahamwe n'ibyaha bitatu; gucura umugambi wo gukora Jenoside, ubufatanyacyaha muri Jenoside ndetse n'ubufatanyacyaha mu byaha byibasiye inyokomuntu.

Yiregura, Dr Rwamucyo yahakanaga ko nta Batutsi bishwe muri Centre Universitaire de Santé Publique (CUSP) yari ayoboye mu gihe cya Jenoside cyangwa muri Centre Hospitalier Universitaire de Butare (CHUB), kandi inkiko Gacaca zaramuhamije uruhare mu iyicwa rya Cécile Nyirasikubwabo, wakoreraga CUSP, afatanyije na Félicité Musanganire, na we wari umukozi wa CUSP. Abandi bakozi ba CUSP bishwe ni Gasana Callixte na Césarie Mukamusoni.



Itsinda ry'abofisiye bo mu Ishuri Rikuru rya Gisirikare rya Zimbabwe baje kwigira ku Rwanda

Ibi Dr Rwamucyo yakomeje kubihakana no mu rukiko, kandi Inkiko Gacaca zarasanze yaratanze amabwiriza yo gushyingura imibiri y'abishwe kugira ngo hahishwe ibimenyetso bya Jenoside yakorerwaga Abatutsi icyo gihe.

Dr Rwamucyo yavugaga ko nta muganga cyangwa undi mukozi wo kwa muganga wagize uruhare muri Jenoside i Butare. Nyamara inkiko Gacaca z'i Butare zahamije ibyaha bya Jenoside abaganga 29 n'abaforomo 31 bakoraga muri CHUB, CUSP, LABOPHAR, CARAES na Kabutare.

Muri abo harimo; Dr. Jotham Nshimyumukiza wahoze ayobora CHUB, yahamijwe kwica Karekezi Jean Claude n'abandi Batutsi, Dr. Pascal Habarugira wakatiwe imyaka 19, Dr. Berthe Nyiraruhango, Dr. Aloys Nyagasaza na Dr Emmanuel Twagirayezu, wahamijwe gutanga abarwayi b'Abatutsi ngo bicwe n'Interahamwe n'abasirikare ba ESO.

Hari kandi n'abaforomokazi n'abandi bakozi ba CUSP bakatiwe Jenoside, harimo Uwimana Thérèse, Musabyemariya Marceline, Mukamurangwa Marie Rose, Nyiramisago Thérèse, Kantengwa Annonciata na Mukamuzima Philomène.

Mu buhamya bwe, Dr. Rony Zachariah, wakoreraga Médecins Sans Frontières muri CHUB mu gihe cya Jenoside, yabwiye urukiko ko hagati y'abantu 150 na 200, bari abakozi n'abarwayi b'Abatutsi, bakuwe muri CHUB bakicwa n'Interahamwe na bamwe mu bakozi bagenzi babo ndetse n'abasirikare bo muri ESO.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubuyobozi bwa CHUB bwakoze urutonde rw'abakozi n'abarwayi b'Abatutsi bishwe, rusangamo amazina 82, akaba akunze kwibukwa buri mwaka mu gihe cyo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Icyemezo cy'Urukiko rwa Rubanda rwa Paris cyo guhamya Dr Eugène Rwamucyo ibyaha bya Jenoside, ubufatanyacyaha muri Jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu, ni indi ntambwe ikomeye mu rugamba mpuzamahanga rwo guhana abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Uru rubanza rwashimangiye ko n'iyo imyaka yaba ishize, ibyaha bya Jenoside bitibagirana kandi ababikoze bakomeza gukurikiranwa aho bari hose.

Nanone ubuhamya bwatanzwe n'abarokotse, abari abakozi ba CHUB n'ibyemezo byafashwe n'inkiko Gacaca byafashije gusubiza ku murongo ukuri ku bwicanyi bwakorewe Abatutsi mu mavuriro ya Butare, bunaha icyubahiro inzirakarengane zahiciwe. Icyemezo cya Paris ni ubutumwa bukomeye ko ubutabera bukomeza kuba inkingi yo kurwanya umuco wo kudahana no kubungabunga amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Gabon yahaye ikaze abashoramari b'u Rwanda, ibizeza kubaha ubutaka bw'ubuhinzi n'ubworozi

**ZIGAMA Theoneste**

***Ambasaderi wa Repubulika ya Gabon mu Rwanda, Dr. Sylver Aboubakar Minko Mi Nseme, yatangaje ko igihugu cye cyiteguye kwakira abashoramari b'Abanyarwanda mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, kikabaha ubutaka bujyanye n'imishinga bazaba bafite.***

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 30 Nyakanga 2026, ubwo yasuraga ibikorwa byamuritswe n'Ihuriro rya za Kompanyi zikora ibikorwa byiganjemo iby'ubuhinzi n'ubworozi (KT Hub) mu Imurikabikorwa ry'Ubuhinzi n'Ubworozi riri kubera ku Mulindi. Yeretswe udushya n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi.

Dr. Minko Mi Nseme yavuze ko u Rwanda rumaze gutera intambwe igaragara mu guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, bityo Gabon ikaba ishaka gukorana n'ibigo by'Abanyarwanda kugira ngo ibashe kungukira ku bunararibonye bwabyo.

Yagize ati: "Mu Rwanda hari ibigo bikomeye bishobora gushora imari mu bindi bihugu bya Afurika kandi bikabigeraho neza. KT Hub irabigaragaza. Turabashishikariza kuza gushora imari muri Gabon no kuhageza ibyo bamaze kugeraho mu Rwanda, kuko igihugu cyacu kibikeneye byihutirwa."

Ambasaderi yavuze ko kuva Gabon yafungura Ambasade yayo mu Rwanda ku wa 15 Ugushyingo 2025, ubufatanye mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi bwashyizwe mu by'ibanze mu mibanire y'ibihugu byombi. Yongeyeho ko muri Gicurasi 2026, itsinda rigizwe n'abahinzi n'aborozi 16 b'Abanyarwanda ryasuye Gabon, aho ryagiranye ibiganiro n'inzego z'ubuhinzi z'icyo gihugu ndetse rigirana amasezerano y'ubufatanye na Minisiteri y'Ubuhinzi ya Gabon.

Ambasaderi Dr. Minko Mi Nseme yavuze ko icyemezo cya Gabon cyo guhagarika gutumiza inyama z'inkoko mu mahanga guhera muri

akeneye, hanyuma tumuhe ubutaka bujyanye n'icyo agamije gukora."

Dr. Sylver Aboubakar Minko Mi Nseme yahamagariye ibindi bigo by'Abanyarwanda gukoresha ayo mahirwe, avuga ko Gabon ifunguye imiryango ku bashoramari. Ati: "Ibindi bigo by'Abanyarwanda bihawe ikaze. Gabon ni igihugu cy'ikivandimwe kandi cyiteguye gutanga ubutaka bukenewe kugira ngo abashoramari bashyire mu bikorwa imishinga yabo y'ubuhinzi n'ubworozi."

KT Hub ishishikajwe no gushora imari muri Gabon

Umuyobozi Mukuru wa KT Hub, Kabahizi Theoneste, yavuze ko nk'ikigo gikora ibikorwa birimo kuhira imyaka, gukoresha ikoranabuhanga mu buhinzi no guteza imbere uburyo bugezweho bwo kongera umusaruro, biteguye kureba amahirwe ari muri Gabon.

Yagize ati: "Mu by'ukuri twumvise ko mu byo Ambasaderi yavuze ko muri Gabon hari amahirwe y'ishoramari, hari bimwe dushobora kureba yo bidahingwa inaha, ariko n'ibyo wahingayo ukaba wabizana ahangaha."

Yavuze ko bazakomeza gusura Gabon kugira ngo barebe ibihingwa byakorwa neza muri icyo gihugu, uburyo bwo kongera umusaruro wabyo ndetse n'amahirwe ari mu bworozi.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) Dr. Uwituze Solange yavuze ko u Rwanda rwiteguye gukomeza gukorana na Gabon mu guteza imbere urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi.

Yagize ati: "Turashaka gukorana mu bijyanye no kuzamura ubuhinzi binyuze mu ikoranabuhanga, no mu bworozi cyane cyane turashaka gukorana mu bijyanye n'amafi kuko bo urwego rwabo ruteye imbere cyane, turashaka ko batwigisha uko bakora uburobyi kuko ari byo bakora."

Yongeyeho ko ubufatanye hagati y'ibihugu byombi bushobora gufasha mu uru rwego.

Umubano w'u Rwanda na Gabon wifashe neza

Umubano w'u Rwanda na Gabon watangiye nyuma y'ubwigenge bw'ibihugu byombi, aho Gabon yabonye ubwigenge ku wa 17 Kanama 1960, naho u Rwanda rukabona ubwigenge ku wa 1 Nyakanga 1962.

Nyuma yaho, ibihugu byombi byagiye bishimangira umubano wa dipolomasi n'ubufatanye mu nzego zitandukanye. Mu 1976 byashyizeho umurongo w'ubufatanye binyuze mu masezerano rusange, nyuma bikomeza no mu bucuruzi, ishoramari, uburezi n'ubuhanga.

worozi. Ati: "Minisiteri y'Ubuhinzi yamaze kugena ubutaka buzakoreshwa mu buhinzi, ubworozi no guhinga ibigori, soya, imboga n'ibindi bihingwa. Umushoramari azatugaragariza umushinga afite n'ubutaka akeneye, natwe tubumuhe. Dufite ubutaka buhagije bwo kwakira ishoramari."

Yasobanuye ko Gabon ifite ubuso bungana na kilometero kare 267 667, kandi ko ingano y'ubutaka umushoramari azahabwa izashingira ku bunini n'ubushobozi bw'umushinga azaba yatanze. Yagize ati: "Ntabwo ari ukubwira umushoramari ngo aze afate ubutaka runaka gusa, ahubwo azazana umushinga we, turebe ibyo

ijwe gutumiza toni zisaga 220 000 z'ibinyampeke kubera umusaruro ukiri muto w'imbere mu gihugu.

Mu bworozi na bwo, umusaruro w'inyama, amata n'ibindi bikomoka ku matungo uracyari muke. Ni yo mpamvu Guverinoma ya Gabon yashyize imbaraga mu kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi kugira ngo igabanye amafaranga ikoresha itumiza ibiribwa hanze.

Gabon ifite hegitari zisaga miliyoni 5,2 z'ubutaka bushobora guhingwa, ariko igice kinini kikaba kitarabyazwa umusaruro. Ibi bituma ikomeza gushishikariza abashoramari bo mu mahanga, barimo n'Abanyarwanda, gushora imari muri




**Gabon yiyemeje kwakira abashoramari b'Abanyarwanda mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, ikabaha ubutaka bujyanye n'imishinga bazaba bafite**

Mutarama 2027 kizafungura amahirwe menshi ku bashoramari bafite ubumenyi n'ubushobozi mu bworozi bw'inkoko n'ibindi bikorwa by'ubuhinzi. Ati: "Gabon ifite amahirwe menshi mu buhinzi n'ubworozi, ariko dukeneye abafatanyabikorwa bafite ubumenyi n'ikoranabuhanga kugira ngo tubashe kongera umusaruro w'imbere mu gihugu."

Ku bijyanye n'ubutaka buzahabwa abashoramari, yavuze ko Guverinoma ya Gabon yamaze kugena ahantu hagari hazakorerwa ibikorwa by'ubuhinzi n'ub-

guhererekanya ubumenyi, ikoranabuhanga n'uburyo bwo kongera umusaruro w'ibiribwa. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buhinzi n'Ibiribwa (FAO) rigaragaza ko ibihingwa by'ingenzi bihingwa muri Gabon birimo imyumbati, ibitoki n'ibigori, ariko umusaruro ukaba utaragera ku rwego rukenewe.

Iki gihugu kigikenera gutumiza hanze igice kinini cy'ibiribwa bikenerwa n'abaturage aho hafi 90% by'ibinyampeke bikenerwa muri Gabon bituruka mu mahanga. Mu 2026 hategany-

Mu 2011, ibihugu byombi byongeye gusinyana amasezerano i Kigali agamije guteza imbere ishoramari n'ubufatanye mu burezi ndetse no hagati ya za kaminuza.

Mu Ukwakira 2023, Perezida wa Gabon, Brice Clotaire Oligui Nguema, yagiriye uruzinduko mu Rwanda, aho yahuye na Perezida Paul Kagame baganira ku kongera ubufatanye mu nzego zirimo ubucuruzi, ubuhinzi, ikoranabuhanga n'iterambere ry'ubukungu.

# Nyaruguru: Ibiganiro ku mikoreshereze y'umutungo byakemura amakimbirane mu ngo



Amakimbirane akenshi aturuka ku micungire mibi y'umutungo

BYUKUSENGE ANNONCIATA

***Abagizweho ingaruka n'amakimbirane yo mu muryango n'abajyanama ku ihungabana bavuga ko ikibazo cy'amakimbirane gikunze kugaragara mu bice bitandukanye by'igihugu, gishobora gucika igihe habaho kuganira ku mikoreshereze y'umutungo.***

Abaganiriye na Imvaho Nshya bavuga ko babona intandaro y'amakimbirane akenshi ashingira ku mutungo kuko iyo umugore n'umugabo bakora imirimo ibasha kubinjiriza amafaranga, bakanaganira ku mikoreshereze yayo nta makimbirane bagirana.

Mutanyagwa Consolée ni umubyeyi ufite umuryango w'abantu umunani. Avuga ko amakimbirane yo mu muryango yamugizeho ingaruka zikagera no ku bana be. Ati: "Amakimbirane yo mu muryango si ikintu cyo kuvugwa kuko nabanaga n'umugabo mu makimbirane, bituma umwana wacu ava mu ishuri amara imyaka irindwi atiga kandi yari umuhanga mu ishuri."

Akomeza avuga ko umwana we yavuyе mu ishuri mu 2018 kubera ko se atumvaga ko umwana agomba kwiga ngo amwishyurire ishuri. Ati: "Icyo gihe yigaga mu mwaka wa gatanu w'amashuri abanza, yongeye gusubira mu ishuri mu 2023 arongera ahera mu wa gatanu. Ubu yiga mu mwaka wa kabiri w'amashuri yisumbuye. Amakimbirane yatumye umwana adindira mu ishuri kuko ubu nibura aba yiga muri Kaminuza."

Mutanyagwa abajijwe icyabateraga ayo makimbirane, yavuze ko ari ubukene bukabije bari bafite mu rugo. Ati: "Twari abakene ntunzwe no guhingira abandi, umugabo wanjye yari yarabaswe n'ubusinzi kandi dufite abana barindwi bo kwitaho. Nahingiraga amafaranga y'u Rwanda 1 000 ku munsi, akaba ari yo mpahamo ibyo kurya. Ayo umugabo yakoreraga yarayanyweraga ntiyite ku kintu na kimwe cy'ibanze mu rugo, habe n'isabune yo kumesa."

Akomeza avuga ko amaze gusobanukirwa ko kwibumbira hamwe n'abandi mu matsinda bitanga umusaruro umuntu akiteza imbere, na we yegereye abandi bagore akajya yizigamira. Ati: "Amafaranga nizigamaga mu itsinda nayagabanyaga kuri cya gihumbi nabaga nahingiye. Natangiye kugura amatungo magufi nkabona ifumbire, nanjye ngahinga mu kwanjye nkabona umusaruro. Ntangiye kujya ngurisha ibicuruzwa byiganjemo imboga nkinjiza amafaranga, umugabo yatangiye kugabanya amahane kuko yabonaga ntacyo nkimusaba."

Yongeyeho ko amakimbirane bayavuyemo nyuma yo gukurikirana inyigisho ku kubaka Umuryango utekanye bakanasezerana mu mategeko, kuko babanaga batarasezeranye.

Yankurije Violette, we avuga ko amakimbirane yagize mu muryango we yayatewe n'ubuharike. Ati: "Umugabo yaramparitse, akajya afata ibyo nejeje akabigurisha abijyana ku wundi mugore. Byanteye ubukene ku buryo twahoraga mu ntonganya bitewe nuko yabijyanaga kandi akagaruka kunsaba amafaranga yo kunywera. Twaje kwigobotora amakimbirane nyuma y'inyigisho twahawe ku kugira Umuryango mwiza utekanye."

Ntirandekura Chantal ni umujyanama ku bijyanye n'ihungabana, akaba akorera muri ARCT- Ruhuka, yabwiye Imvaho Nshya ko umubare munini w'abantu bahungabanye bakira, ihungabana ryabo riba ryaturutse ku makimbirane yo mu ngo. Ati: "Kuki ikibazo cy'amakimbirane yo mu ngo kitashyirwa mu Mihigo y'uturere ko kimaze gufata indi ntera kandi amakimbirane akaba ari intandaro y'ubukene. Nk'uko izindi gahunda zishyirwa mu Mihigo kandi zigatanga umusaruro n'ikibazo cy'amakimbirane byashoboka."

Yongeyeho ko amakimbirane arimo gufata indi ntera, kuko ngo usanga abari mu muryango batumvikana, bikabahungabanya, hanyuma bagafata umwanzuro wo kudakomeza kubana bigaherekana, bagahindura ubuzima bikabatera agahinda gakabije. "Ibyo rero bidindiza iterambere kuko ubuzima bwo mu mutwe buba bwahungabanye bituma imitekerereze itaguka umuntu agahera mu bwigunge bigatuma adakora."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru, Dr. Murwanashyaka Emmanuel, aganira na Imvaho Nshya yavuze ko amakimbirane yo mu muryango inzego zose zifatanya mu kuyarwanya no kuyakumira kandi ko hari ingamba zafashwe.

Ati: "Kubaka Umuryango utekanye bisaba ko buri wese yumva uruhare rwe. Abashakanye, ni ukuvuga umugabo n'umugore ndetse n'inzego z'ubuyobozi. Mu ngamba zafashwe harimo gusezeranya ababana badasezeranye kuko hari abo usanga amakimbirane bafitanye ashingiye ku mitungo."

Akomeza avuga ko uretse gusezeranya ababana badasezeranye, hari n'inyigisho za GALS zihabwa abubatse ingo by'umwihariko imiryango ibana mu makimbirane kandi inyigisho zatanze umusaruro ku buryo abamaze guhindura imyumvire ubu ari bo bafasha abaturanyi babo guhinduka.

Ubushakashatsi bwakozwe n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere RGB bwashyizwe ahagaragara muri Gashyantare 2025, bugaragaza ko amakimbirane yo mu miryango mu 2024 yagabanyutse ku kigero cya 4,9% ugereranyije n'umwaka wari wabanje.

Bugaragaza ko amakimbirane yo mu ngo yari ku kigero cya 17% mu 2024, avuye kuri 22%, yariho mu 2023, mu gihe mu mwaka wari wabanje yari kuri 18,6%.

RGB yagaragaje ko guharika no gucana inyuma na byo biri mu byagabanyutse ku kigero cya 4,3% mu 2024, bigera kuri 12,9% bivuye kuri 17% mu 2023.

Ikindi kibazo gikomeje kubangamira umuryango nyarwanda ni ikigendanye n'ihohoterwa rishingiye ku mutungo, nubwo ryagabanyutseho 2,5% mu mwaka ushize.

Ubushakashatsi bwagaragaje ko iri hohoterwa kuri ubu riri ku kigero cya 11,9% rivuye kuri 14% ryariho mu mwaka wari wabanje.

Hari kandi ikibazo cyo guhoza ku nkeke uwo mwashyinginiranywe na byo bikunze kugaragara mu ngo zitandukanye. Mu 2024 byari ku kigero cya 13,9% bivuye kuri 16,1%.

# Amajyaruguru: Gutekesha gaze mu mashuri byagabanyije ikoreshwa ry'inkwi



**Gutekesha gaze byagabanyije amafaranga yagendaga ku nkwi binanoza isuku**

**NGABOYABAHIZI** Protais

***Mu bigo by'amashuri byatangiye gutekesha gaze, hagaragaye itandukaniro no gukoresha inkwi kuko byagabanyije amafaranga yagendaga ku nkwi, aho ikigo cyakoreshaga miliyoni 5 z'amafaranga y'u Rwanda gikoresha inkwi, kuri ubu gikoresha gaze bitwara miliyoni 2 800 000 Frw, kurengera ubuzima bw'abatetsi baciye ukubiri n'imyotsi bikanafasha kunoza isuku mu gikoni.***

Ibi babivuze ubwo ku Ishuri rya Lycée Saint Jérôme Janja, riherereye mu Kagari ka Gatwa, Umurenge wa Janja mu Karere ka Gakenke, hatahwaga ku mugaragaro uburyo bwo guteka hakoreshejwe gaze (LPG), mu mushinga ugamije guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu zisukuye mu mashuri.

Nzabanita Dominic, umaze imyaka 42 akora mu gikoni cya Lycée Saint Jérôme Janja, avuga ko ubuzima bwabo bwari bwarazahaye kubera imyotsi yaterwaga no gutekesha inkwi.

Yagize ati: "Mu myaka irenga 40 maze nkorera muri iki gikoni, sinigeze mbura inkorora idakira bita akayi. Twahoraga duhumeka imyotsi, amaso agatukura, hakiyongeraho n'izindi ndwara z'ubuhumekero. Guterura inkwi buri munsi na byo byaduteye uburwayi bw'umugongo n'impyiko. Ariko ubu, kuva dutangiye gukoresha gaze, twumva turuhutse. Turashimira abaduhaye ubu buryo kuko bwahinduye ubuzima bwacu."

Nyiramahirwe Marie Claudine, na we ukora muri icyo gikoni, avuga ko mbere hari abakozi bahitagamo kureka akazi kubera imyotsi n'ingaruka zayo ku buzima.

Yagize ati: "Imyotsi yaratubangamiraga cyane. Hari abahitagamo kureka akazi kubera gutinya indwara zayikomokagaho. Ubu ibikoni bifite isuku, nta mwotsi ukihaba, kandi amafunguro ategurwa vuba. Mbere hari igihe inkwi zabaga zitumye zigatinda gufatwa, bikadindiza guteka. Ubu abana babona amafunguro ku gihe, natwe tugakora mu buryo bwiza."

Uyu mushinga washyizwe mu bikorwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bimukira mu Rwanda (IOM Rwanda), ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kubungabunga Ibidukikije (REMA), ku nkunga ya Guverinoma y'u Buyapani.

Mu rwego rwo kugabanya ikoreshwa ry'inkwi no guteza imbere ingufu zisukuye, hubatswe ibigega bibika gaze (LPG) mu bigo birindwi ari byo Lycée Saint Jérôme Janja, Janja TVET, ES Nyarutovu, Nemba TSS, APICUR, MIPC na École des Sciences de Musanze.

Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bimukira mu Rwanda (IOM Rwanda), Chandrakala Acharya, yavuze ko bahisemo gushyigikira



**Nzabanita Dominique nyuma y'imyaka isaga 40 atekesha inkwi none yishimira ko atangiye gutekera kuri gaze**

ikoreshwa rya gaze mu mashuri kugira ngo barengere ibidukikije banarinde ubuzima bw'abakora mu bikoni.

Yagize ati: "Gutekesha inkwi bitera imyotsi myinshi, kandi iyo myotsi igira ingaruka ku buzima bw'abayihumeka. Ni yo mpamvu twahisemo kugira uruhare muri uyu mushinga, tugamije gukangurira abantu gukoresha gaze nk'imwe mu nzira zo kwirinda indwara ziterwa n'imyotsi no kubungabunga amashyamba aduha umwuka mwiza. »

Akomeza avuga ko nubwo bamaze guha biriya bigo Gaze bitavuze ko batahuye n'imbogamizi.

Yagize ati : « Kubera ko uyu wari umushinga wa mbere nk'uyu mu Turere twa Gakenke na Musanze, kubona ibikoresho byujuje ubuziranenge byabanje kutugora, ariko twagiye tubigeraho buhoro buhoro. Turasaba ibigo by'amashuri byabihawe kubibungabunga no kubibyaza umusaruro, bikarushaho kugabanya ikoreshwa ry'inkwi n'ingaruka zabyo ku buzima no ku bidukikije."

Umuyobozi wa APICUR riherereye mu Karere ka Musanze, Innocent Nshimiyimana, avuga ko gutekesha gaze byafashije ishuri kugabanya amafaranga ryakoreshaga ku nkwi no kongera isuku.

Yagize ati: "Mu gihembwe twakoreshaga amasiteri y'inkwi agera kuri 200, bingana na miliyoni eshanu z'amafaranga y'u Rwanda. Ku bijyanye na gaze kuri ubu amafaranga yaragabanyutse ugereranyije no gucana inkwi, nibura kuri gaze dukoresha nka 2 800 000 Frw. Ibikoni bifite isuku kandi twasezereye imyotsi. Twiyemeje kubungabunga neza ibi bikoresho twahawe."

Umuyobozi wa Lycée Saint Jérôme Janja Padiri Protogene Hategekimana yavuze ko iri koranabuhanga rije gukemura ikibazo cy'umutungo watikiraga mu kugura no gutwara inkwi.

Yagize ati: "Kubona uburyo bushya bwo gutekera abana dukoresheje gaze ni inyungu ikomeye. Abanyeshuri babona amafunguro ku gihe, abakozi bagakora badahura n'imyotsi ishobora kubatera uburwayi, kandi ishuri rikazigama amafaranga twakoreshaga tugura inkwi no kuzitwara. Twifuza ko ubu buryo bwagera no ku bindi bigo byinshi, nubwo hakiri impungenge z'uko ibiciro bya gaze bishobora kuzamuka. Ku mutekano wo kuyikoresha nta kibazo dufite, kuko abakozi bacu bahawe amahugurwa."

Ambasaderi w'u Buyapani mu Rwanda, Kazuya Nakajo, yasabye abayobozi b'ibigo by'amashuri byahawe ibi bikoresho kubibungabunga no kubibyaza umusaruro.

Yagize ati: "Uyu mushinga ugamije kugabanya imyuka ihumanya ikirere, kubungabunga ibidukikije no kurinda abaturage indwara ziterwa n'imyotsi ituruka ku gutekesha inkwi. Turasaba abayobozi b'ibigo by'amashuri gukoresha neza ibi bikoresho kugira ngo bikomeze kugirira akamaro abanyeshuri n'abaturage."

Uyu mushinga ufite agaciro ka miliyoni imwe z'Amadolari ya Amerika (asaga miliyari imwe n'igice z'amafaranga y'u Rwanda), watanzwe na Guverinoma y'u Buyapani hagamijwe guteza imbere ikoreshwa ry'ingufu zisukuye mu mashuri no gushyigikira ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije.

# Rutsiro: Umuturage yakanguwe mu gicuku umurima we w'ikawa uri kugurumana

**BAHUWIYONGERA SYLVESTRE**

***Nsengiyumva Boniface w'imyaka 48, wo mu Mudugudu wa Rukundo, Akagari ka Nkora, Umurenge wa Kigeyo, Akarere ka Rutsiro, ararira ayo kwarika nyuma yo kubyuka saa cyenda z'igicuku agasanga ikawa yahinze irimo gushya akazimya hamaze gushya ibiti 21 byari biriho uruyange, ahamya ko akurikije igiciro ikawa igezeho n'uburyo yagurishaga iyeze ahise ahomba 400 000 by'amafaranga y'u Rwanda.***

Nsengiyumva Boniface yabwiye Imvaho Nshya ko uretse ayo ahombye yari kuzabona zeze anahombye ayo yari kuzakomeza kwezaho n'ibindi bihe, kuko uwo murima yaziteyemo yari yawuguze amafaranga 800 000 mu myaka ine ishize, azitera azitezeho amasaziro no kumuteza imbere.

Avuga ko yamenye ko ikawa ye yafashwe n'inkongi ubwo umuturanyi we banadikanyije yamuhamagaraga kuri telefoni ahagana saa cyenda z'ijoro undi akabona ko hari ikibazo, bavuganye amumenyesha ko ibiti by'ikawa birimo kugurumana mu isambu ye.



Batangiye kuzimya hamaze gushya ibiti 21 byari biriho uruyange

Ati: "Nahise mbyukana n'umugore n'abana na we abyutsa umuryango we twihutira kuzimya, dusanga ibiti 21 ni byo byakongotse. Nahamagaye Umuyobozi w'Umudugudu sinahita mufatisha, ahagana saa kumi n'imwe aranyitaba mubwira ibyabayeho, mu gitondo arahagera n'abandi bayobozi n'abaturage barareba tubura ikindi twakora."

Yavuze ko hari abo akeka bari bafitanye ibibazo by'amasambu ko ari bo baba bamutwikiye, bakaba bari no kuburana mu nkiko. Yakomeje ati: "Kugeza ubu ntawe nashinja ntamufashe ariko ndakeka abo twari dufitanye ibibazo by'amasambu turi kuburana mu nkiko cyangwa abo baba bakoresheje ariko sinabahamya ntabafashe ntegereje icyo iperereza rizagaragaza. Hagati aho imvura nigwa nzateramo izindi niba na zo batazazitwika."

Avuga ko ahangayikishijwe n'umutekano we kuko uwamutwikiye ikawa yanamukorera ikindi kibi kuko atazi uwo ari we n'icyo agamije, agasaba ubuyobozi kumuba hafi ku mutekano we n'uw'ibye abona bigeramiwe.

Dusangira Laurent baturanye na we avuga ko ubu ari ubugome ndetse ko nubwo uwabukoze atafashwe akwiriye kwigaya, amwita ikigwari. Ati: "Turabibona nk'ubugome, tugasaba ubuyobozi n'inzego z'umutekano gukomeza iperereza hakazamenyekana ababikoze bagahanwa by'intangarugero, mu nteko z'abaturage bakanibutswa ko uwangije imyaka aba adahimye nyirayo gusa, aba anahimye benshi, ubugome nk'ubu ubufite cyangwa ubutekereza yabufasha hasi."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kigeyo, Niyodusenga Jules avuga ko iperereza rikomeje ngo hamenyekane abazitwitse. Ati: "Iperereza rirakomeje ngo abazitwitse bamenyekane kuko ntawe twafashe. Ku bo avuga akeka, birumvikana ko uwagize ikibazo nk'icyo atabura gukeka ko hari uwabikoze cyangwa ubyihishe inyuma ariko twe nk'ubuyobozi ntitwabishingiraho tubyemeza, twategereza iperereza rikazaduha ukuri."

# Nyaruguru: Babangamiwe n'insoresore zisinda zikabategera mu nzira zikabakubita

**HABIMANA ERIC**

***Bamwe mu baturage bakorera ndetse n'abagenda mu isantere ya Ruramba, iherereye mu Kagari ka Ruramba, Umurenge wa Ruramba mu Karere ka Nyaruguru, bavuga ko bahangayikishijwe n'urugomo bavuga ko rukorwa n'insoresore zimara kunywa inzoga zirimo izizwi nk'ibyumana dondubwonko, bakazisinda bagatangira gutega abaturage bakabakubita.***

Abo baturage bavuga ko muri iyo santere usanga hari urubyiruko ruhamara umunsi rwicaye mu tubari cyangwa ku mabaraza y'amaduka, aho bavuga ko bamwe muri bo bamara gusinda bakarwana hagati yabo ndetse bakanibasira abaturage baba banyuze muri aka gace baje nko guhaha bakabakubita.

Benjamin Irakoze, umwe mu baturage bavuga ko bahuye n'uru rugomo, yavuze ko yakubiswe n'abasore babiri mu masaha ya nimugoroba ubwo yari atashye.

Ati: "Nari ntashye nimugoroba, mpura n'abasore babiri barampagarika, nkibabaza impamvu bampagaritse bahise banyadukira bankubita inshyi n'ibipfunsi kugeza ubwo abaturage baje barankiza, hari abantu birirwa banywa ibyuma na dondubwonko ku buryo iyo muhuriye mu nzira bahita bakwadukira ntacyo wabakozeho bagakubita."




Ni isantere iba yiganjemo urubyiruko abaturage bavuga ko rutagira icyo gukora

Uwineza Marie Chantal na we yavuze ko yahuye n'urugomo ubwo yari agiye guhaha, avuga ko yakubiswe ndetse agakomeretswa mu maso no ku maguru.

Ati: "Narabasuhuje nk'uko bisanzwe bahita bantuka, nageregeje kubahunga ngeze imbere barankurikira barankubita ndetse bankurura hasi bambwira ngo ubundi mba mbaza iki, byansigiye ibikomere yaba mu maso no ku maguru. Ikidutera agahinda ni uko hari n'abacuruzi bafatanya n'aba basore mu kunywa izi nzoga no gukora urwo rugomo."

Nsanzineza Mathias we asanga ikibazo gishingiye ahanini ku rubyiruko rwirirwa muri iyo santere nta kazi bagira bakabaye bahugiraho aho kuza guteza urugomo.

Ati: "Abenshi nta kazi bafite, bahora bicaye hano banywa ibyuma na dondubwonko batanariye, bikarangira bataye ubwenge bagatangira gukubita uwo bahuye na we wese. Turifuza ko ubuyobozi burushaho kubikurikirana kuko ni ikibazo giteje inkeke."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Ruramba, Bateta Florence, yemereye Imvaho Nshya ko iki kibazo kizwi kandi ko hari ingamba zatangiye gushyirwa mu bikorwa mu kukirwanya.

Yavuze ko ubuyobozi bwatangije gahunda yo gushakira urubyiruko imirimo, cyane cyane mu mirima y'icyayi, kugira ngo rugire ibyo ruhugiraho aho kuza guhugira mu isantere banywa inzoga.

Ati: "Turimo gukorana n'inzego zitandukanye kugira ngo iki kibazo gikemuke, aho twashakiye bamwe mu rubyiruko akazi mu cyayi,ubu bamwe ni yo mirimo birirwamo aho kuza kwirirwa muri iyi santere basinda, tunagabanya amasaha y'utubari."

Yanavuze ko amasaha y'ibikorwa by'utubari yagabanyijwe, hagamijwe kugabanya ubusinzi bukabije no kongera ituze mu baturage hakiyongeraho gukurikirana no guhana abagaragara muri ibyo bikorwa bihungabanya umutekano.

Ati: "Dukomeje gukorana n'inzego z'umutekano mu gufata abakora urugomo no gukora ubukangurambaga bugamije kurwanya ubusinzi kuko ubu ugeze hano saa tatu z´ijoro nta kabari wasanga gafunguye mu rwego rwo guhangana n´icyo kibazo."

Uyu muyobozi akomeza asaba abaturage baba barakorewe ibyo bikorwa by´urugomo bagahohoterwa kujya bihutira kubimenyesha ubuyobozi n'inzego z'umutekano, kugira ngo ababigizemo uruhare bakurikiranwe hakurikijwe amategeko.

# Musanze: Abana bahoze mu mashyamba ya RDC biyemeje kwitandukanya n'urwango n'ivangura



Abana bahujwe n'imiryango yabo

NGABOYABAHIZI Protais

***Abana 22 muri 24 bahoze mu mitwe yitwaje intwaro ikorera mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bongeye guhuzwa n'imiryango yabo nyuma yo gusoza gahunda y'uburere mboneragihugu n'ubugororangingo, bavuze ko bakuriye mu nyigisho z'urwango n'amacakubiri, bamwe bagahatirwa kujya mu gisirikare bakiri bato, ariko ko bamaze kunyura muri gahunda yo gusezererwa no gusubizwa mu buzima busanzwe ibera i Mutobo bakiyubaka, biyemeje kubaho nk'Abanyarwanda bunze ubumwe.***

Aba bana bavuga ko bakiri bato bigishwaga ko u Rwanda rugomba kugaruzwa intwaro, bakabwirwa ko hari Abanyarwanda bagomba kurwanywa bazira ubwoko bwabo. Benshi bavuga ko batari bazi ukuri ku gihugu bakomokamo, kuko bakuriye mu mashyamba ya RDC aho bahoraga batozwa urwango n'amacakubiri.

Irasubiza Habakuki w'imyaka 18 wo mu Karere ka Gasabo, yavuze ko yinjijwe mu mutwe wa FDLR afite imyaka 14, nyuma yo gukurwa iwabo ku gahato. Avuga ko bamubwiraga ko RDC atari igihugu cye, ahubwo ko igihugu cye ari u Rwanda, ariko ko atagomba kurugeramo keretse afashe imbunda akarwanya abo bitaga abanzi.

Yagize ati: "Mfite imyaka 14 ninjijwe mu gisirikare cya FDLR. Bankuye mu rugo bamfutse igitambaro mu maso, bangeza ahitwa Gicanga. Bambwiraga ko RDC atari igihugu cyanjye cy'inkomoko, ko igihugu cyanjye ari u Rwanda kandi ko ngomba kurusubiramo ari uko mfashe imbunda nkarwanya Umututsi bambwiraga ko yanyambuye gakondo yanjye. Nararwanye, ariko mbona nta ntsinzi ishoboka mpitamo gutaha."

Habakuki avuga ko yafashe icyemezo cyo gutaha nyuma yo kumva ko bamwe mu bagize umuryango we bari bageze mu Rwanda kandi bakaba babayeho neza, bitandukanye n'ibyo bari barigishijwe. Yagize ati: "Naje mu Rwanda mfite ubwoba bwinshi kuko nari narigishijwe ko ningerayo bazanyica kuko ntari Umututsi. Ariko ngeze i Mutobo nakiriwe neza, bampa ibiryo n'ibindi nkenerwa, hanyuma mpabwa amasomo y'uburere mboneragihugu harimo na gahunda ya Ndi Umunyarwanda. Nasanze ibyo twari twarigishijwe bitandukanye n'ukuri. Ubu nsanga ingengabitekerezo y'urwango nta cyo yageza ku muntu cyangwa ku gihugu."

Imanizabayo Frank na we avuga ko kwigisha umwana urwango ari ukumwangiza hakiri kare. Yagize ati: "Ku myaka 19 nari nzi ko Umututsi ari umuntu mubi, ko Umunyarwanda utarahunze ari umuntu ugomba kurwanywa kuko ari Inyenzi. Batubwiraga ko Inkotanyi ikwiye gupfa kandi ko ari twe rubyiruko tugomba kurwana kugira ngo imiryango yacu isubire kuri gakondo. Batwigishaga kurebera abantu ku moko no kubanga."

Akomeza avuga ko amaze kugera i Mutobo ari bwo yatangiye gusobanukirwa ukuri. Yagize ati: "Ibyo byose mbifata nk'uburozi nakuwe mu nda n'amasomo nahawe hano. Mu minsi namaze i Mutobo nta muntu n'umwe wigeze ankorera ivangura cyangwa ngo amputaze kubera uko ntekereza cyangwa uwo ndi we. Nahisemo kwitandukanya n'izo nyigisho no kubaho nk'Umunyarwanda."

Ababyeyi bavuga ko kongera guhura n'abana babo ari ibyishimo bikomeye nyuma y'imyaka myinshi bari baratakaje icyizere cyo kuzongera kubabona. Maniriho Angélique wo mu Karere ka Rubavu yavuze ko igihe bari batuye muri RDC, abarwanyi ba FDLR bakundaga gufata abana bakabinjiza mu gisirikare ku gahato.

Yagize ati: "Twari muri RDC, abasirikare ba FDLR bakundaga kuza kutwambura abana bakabagira abasirikare. Nari naramaze kwiheba ntekereza ko umwana wanjye yapfuye. Nyuma na we yaje kunsanga i Mutobo. Twe twarahuguwe turataha, we asigara akomeza amasomo. Ubu aratashye, bamwigishije umwuga kandi bamuha impamba."

Akomeza avuga ko ashimira Leta y'u Rwanda ku bw'uburyo yakiriye abana babo ikabafasha kongera kwinjira mu buzima busanzwe. Yagize ati: "Ndashimira Perezida Paul Kagame ukomeje gutuma ababyeyi basubiza ingobyi i mugongo, kuko twari twaracujwe abo twabyaye. Turifuza ko n'abandi bana bagikomeje gushorwa mu mitwe yitwaje intwaro batahuka bakabona amahirwe nk'ayo abana bacu babonye."

Ikigo cya Mutobo ni kimwe mu bigo bya Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abahoze ari Abasirikare. Cyakira abahoze mu mitwe yitwaje intwaro n'abasirikare batashye mu Rwanda, bagahabwa amasomo y'uburere mboneragihugu, ubujyanama n'ubundi bufasha bubategurira gusubira mu buzima busanzwe no kongera kwisanga muri sosiyete.

Atangiza umuhango wo kongera guhuza aba bana n'imiryango yabo, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abahoze ari Abasirikare, Nyirahabineza Valérie, yagize ati: "Intego y'iyi gahunda ntabwo ari ukubafasha gusa kwibagirwa amateka mabi banyuzemo, ahubwo ni ukubafasha kongera kwiyubaka, kwigirira icyizere, gukunda u Rwanda no kwitandukanya n'ingengabitekerezo mbi babibwemo bakiri mu mashyamba.

Yavuze ko aba bana banahabwa ibiryamirwa n'ibindi bikoresho by'ibanze bizabafasha mu buzima bwa buri munsi, asaba imiryango yabo gukomeza kubashyigikira kugira ngo ibyo bize bibafashe kuba abaturage bagira uruhare mu kubaka u Rwanda ruzira amacakubiri, rushingiye ku bumwe, ubwiyunge n'iterambere.

# Rutsiro: Uwatemye insina 175 z'uwo baguze isambu yatawe muri yombi

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Nsabayesu Jean Claude w'imyaka 39, wo mu Mudugudu wa Nyagahinga, Akagari ka Sure, Umurenge wa Mushubati, Akarere ka Rutsiro, afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Gihango muri ako Karere, akurikiranyweho kwirara mu rutoki rwa Ntamushobora Jean w'imyaka 55, bamaze imyaka irenga 15 baguze isambu agatemamo insina 175.***

Hakizimana Venuste utuye muri uyu Mudugudu wa Nyagahinga, yagize ati: "Nsabayesu Jean Claude warerwaga na Nyirakuru yaje kwitwara nabi aramukubita, agiye gufungwa, ku bwumvikane bwe n'umuryango we yari asigaranye, agurisha igice cy'umurima yari yahawe yishyura amafaranga y'u Rwanda 75 000 yari yaciwe mu gusubiza nyirakuru icyubahiro. Uwo murima waguzwe na Ntamushobora Jean, n'ikayi yaguriyeho n'ubu arayifite arayerekana."

Akomeza avuga ko Nsabayesu yaje kujya mu biyobyabwenge arabifungirwa, afunguwe hashize igihe gito asambanya umwana afungwa igihe kirekire, afunguwe ashaka umugore babyaranye abana 2 barananiranwa umugore ajyana abana mu Karere ka Rubavu ari ho baba n'ubu, umugabo asigara wenyine ahinduka umusinzi.

Avuga ko Nsabayesu yabonye muri ibi bihe ubutaka buhenze ashaka uburyo yariganya Ntamushobora uwo murima yamugurishije, avuga ko ari uwe yahawe n'umuryango, atigeze awumugurisha. Ntamushobora akavuga ko yawumugurishije n'umuryango we wose uhari, akanerekana ikayi yawuguriyeho.

Ati: "Byakomeje kuzana amakimbirane, Nsabayesu nk'aho yagannye ubuyobozi ngo yerekane ko umurima atawugurishije, mu gitondo cyo ku Cyumweru tariki ya 26 Nyakanga 2026, amaze gusinda afata umupanga ajya mu rutoki uwawuguze yateyemo ararute-

KOMEZA KU RUP.18

# Rutsiro: Uwatemye insina 175 z'uwo baguze isambu yatawe muri yombi

IBIKURIKIRA URUP.17



Yatemewe insina n'uwo bari baraguze isambu

magura. Twabaze insina 175 yatemye hariho iziriho ibitoki bikuze, iziriho imyano, zose yatemaga."

Yongeyeho ati: "Nyir'ugutemerwa insina yatabaje uwo mugabo arafatwa ashyikirizwa inzego z'umutekano zamutwaye, uwahohotewe asabwa kujya kuri RIB gutanga ikirego."

Ayinkamiye Zebrie utuye mu Kagari ka Sure, yabwiye Imvaho Nshya ko urugomo nka ruriya rutakwihanganirwa. Yagize ati: "Umujinya nk'uriya w'umuranduranzuzi ntukwiye. Asanzwe azi ko ahora afungwa kubera ibyaha afatirwamo, azi ko isambu yayigurishije ku manywa y'ihangu kubera nanone ibyaha byo gukubita nyirakuru yari yakoze, none aniraye mu nsina z'uwo yagurishije arazitemaguye ngo isambu ni iye."

Yungamo ati: "Si igisubizo ashatse, yikururiye ibibazo kurushaho. Insina yangije ntizatungaga uwo yazangirije gusa, zatungaga benshi. Nahamwa n'icyaha azahanwe by'intangarugero rwose buriya ni ubugome bukabije."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mushubati, Mwenedata Jean Pierre yemeje ko nyir'ugutema izo nsina yatawe muri yombi.

Ati: "Ni amakimbirane ashingiye ku butaka yamuteye kumutemera insina. Umwe avuga ko ari ubwe mu gihe undi yerekana ko yabuguze. Ntiyagombaga kumutemera insina kuko zaratewe zirinda zikura undi ahari ntiyimutse. Ni igikorwa cy'urugomo kwangiza imyaka. Yashyikirijwe ubutabera ngo abiryozwe. Afungiye kuri sitasiyo ya Gihango."

Yavuze ko iyo uwo mugabo yumva koko afite uburenganzira kuri iyo sambu atari guca inzira yo gutema imyaka iteyemo. Yari kugana ubuyobozi bukabakiranura. Yibukije abaturage kumenya ko ubuyobozi bubereyeho kubakemurira ibibazo, bareke guca inzira yo gushaka kubyikemurira bateza ibirenzeho.

# Nyabihu: Ivuriro ry'ibanze rya Rukoma ryarafunze, bakora 20 Km bajya kwivuriza ahandi

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abaturage bo mu Kagari ka Rukoma, Umurenge wa Mukamira, Akarere ka Nyabihu, bavuga ko kuva ivuriro ry'ibanze rya Rukoma ryafunga imiryango hashize imyaka ibiri n'igice, basigaye barembera mu ngo kuko bagenda urugendo rw'ibilometero biri hagati ya 15 na 20 bajya kwivuriza ku Kigo Nderabuzima cya Rwankeri cyangwa ahandi. Basaba inzego zibishinzwe kongera kubegereza serivisi z'ubuvuzi.***




Ivuriro ry'ibanze rya Rukoma abariganaga basigaye bakora ingendo ndende bajya kwivuriza ku yandi mavuriro

Iryo vuriro ry'ibanze ryubatswe n'abaturage ku bufatanye n'Ubudehe mu 2019, ariko nyuma iza guhagarika ibikorwa byayo, ibintu abaturage bavuga ko byabasubije inyuma mu kubona ubuvuzi bw'ibanze. Kanani Eliab, umwe mu baturage batuye muri ako gace, avuga ko bahura n'ibibazo bikomeye iyo hari umurwayi ukeneye ubutabazi bwihuse.

Yagize ati: "Biratugora cyane kujyana umurwayi mu ngobyi ya Kinyarwanda tumukuye mu misozi ya Bihinga tumujyana mu Rwankeri cyangwa za Rutoyi. Iri vuriro ry'ibanze riramutse ryongeye gukora twaruhuka imvune yo guheka abarwayi no kurembera mu ngo."

Akomeza avuga ko kuva i Bihinga kugera ku Kigo Nderabuzima cya Rwankeri ari ibilometero biri hagati ya 15 na 20, kandi iyo umuntu arembye nijoro akenshi batinya kumujyana kwa muganga kubera umuhanda mubi urimo amabuye menshi ndetse n'ikibazo cy'imikoki ikunze kugaragara muri ako gace.

Mukamazimpaka Claudine na we avuga ko nyuma yo gufungwa kwaryo hari abaturage bongeye kwitabaza imiti gakondo bitewe n'uko serivisi z'ubuvuzi zabaye kure.

Yagize ati: "Imbogamizi dufite ni ukuba umuturage yarwara akaremba ntabone ubutabazi bwihuse. Kuba umurwayi arwarira mu rugo nijoro akabura uko ajyanwa kwa muganga bituma bamwe bahitamo kunywa umubirizi cyangwa umuravumba, nyamara indwara igakomeza gukomera. Turasaba ubuyobozi kudufasha ikongera gukora."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buvuga ko iki kibazo bukizi kandi ko hari gahunda yo kongera gufungura iryo vuriro. Nk'uko Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Simpenzwe Pascal, yabwiye Imvaho Nshya. Yagize ati: "Ivuriro rya Rukoma rifite rwiyemezamirimo waritsindiye. Dutegereje ko mu minsi iri imbere asinya amasezerano na RSSB, hanyuma agatangira gutanga serivisi z'ubuvuzi."

Yakomeje asaba abaturage gukomeza kwirinda kurembera mu ngo igihe barwaye, ahubwo bakihutira kwivuza ku bigo nderabuzima bibegereye uko ubushobozi bubibemerera, anabashishikariza gukomeza kwitabira gahunda y'Ubwisungane mu Kwivuza (Mituweli) kugira ngo bazabashe kubona serivisi z'ubuvuzi bitabagoye igihe iryo vuriro ritarongera gukora.

Yagize ati: "Turasaba abaturage kutihanganira uburwayi ngo buremere, ahubwo bajye bihutira kugana amavuriro ari gukora kugira ngo babone ubuvuzi bwihuse. Turabashishikariza kandi gukomeza kwitabira Mituweli kuko ari bwo bubafasha kubona serivisi z'ubuvuzi ku giciro kiboroheye. Mu gihe gito kiri imbere, turizera ko ivuriro rya Rukoma rizongera gukora maze abaturage bongere kubona serivisi hafi yabo."

Mu gihe abaturage bo mu Kagari ka Rukoma bakomeje gutegereza ko ivuriro ryabo ryongera gufungura, bavuga ko buri munsi ushira hari abarwara bakajya kwivuriza kure cyangwa bagahitamo kwivuriza mu ngo bakoresheje ibyatsi, bitewe n'intera ndende n'imiterere y'aho batuye.

Bizeye ko gahunda ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu buvuga yo kongera kuyifungura izashyirwa mu bikorwa vuba, bityo bakongera kubona serivisi z'ubuvuzi hafi y'aho batuye no kugabanya ingaruka ziterwa no gutinda kugera kwa muganga.

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINEDUC
ECOLE SECONDAIRE

B.P: 84 RUSIZI

### ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya Gishoma riherereye mu karere ka Rusizi, Umurenge wa Rwimbogo, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, bafite ibyangombwa bibemerera gupiganira amasoko ya leta gupiganira amasoko akubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

| N0 | IZINA RY'ISOKO | IGICIRO CY'IGITABO |
|---|---|---|
| Lot 1 | Ibiribwa byo gutunga abanyeshuri | 5000FRW |
| Lot 2 | Ibikoresho bya bureau | 5000FRW |
| Lot 3 | Ibikoresho by'isuku | 5000FRW |
| Lot 4 | Inkwi | 5000FRW |
| Lot 5 | Ibikoresho by'ubwubatsi | 5000FRW |

Ibikenewe muzabisanga mu bitabo bikubiyemo amabwiriza agenga isoko biboneka mu bunyamabanga bw'ikigo mu masaha y'akazi guhera kuri 24/07/2026 hamaze kwishyurwa amafaranga y'U Rwanda angana n'ibihumbi bitanu (5000FRW) kuri buri soko kuri konti n0 100000804578 iri muri Banki ya Kigali (BK) iri mu mazina ya ECOLE SECONDAIRE GISHOMA. Amabaruwa y'ipiganwa afunze neza arimo ibitabo bitatu, kimwe cy'umwimerere na kopi ebyiri agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'ikigo tariki ya 25/08/2026 saa tanu (11h00') n'amabaruwa agahita afungurwa mu cyumba cy'inama cya E.S.GISHOMA.

Bikorewe Gishoma ku wa 24/07/2026

MWITABA Anaclet

Umuyobozi wa E.S.GISHOMA

## ITANGAZO RY'ISOKO

JILL BARHAM TECHNICAL SECONDARY SCHOOL
ANGLICAN CHURCH OF RWANDA (EAR/D Cyangugu)
P. OBOX 275 RUSIZI
Tell:0786559537

Gihundwe, Kuwa 15/07/2026

**JILL BARHAM TSS**

**Gihundwe**

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA ISOKO RYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'ISHURI BIZAKENERWA UMWAKA WAMASHURI 2026-2027.**

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bw'ikigo cya Jill Barham TSS bufatanyije na komitte nyobozi y'ababyeyi barera muri icyo kigo buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo kugemura: **Ibiribwa byo kugaburira abanyeshuri, Inkwi,ibikoreshobishira byo kwigishirizaho abanyeshuri, ibikoresho by'isuku, ibikoresho bya biro, ibikoresho byo kubaka.**

Bizakenerwa mumwaka wamashuri 2026-2027, igitabo gikubiyemo amabwiriza yipiganwa kiboneka mubunyamabanga bw'ishuri herekanywe inyemeza bwishyu yamafaranga adasubizwa 5000rwf yishyuwe kuri konte y'ikigo numero: 106616 iherereye muri Mwalimu sacco mumasaha yakazi guhera taliki 3/08/2026 kugeza 25/8/2026.

Amabahasha y'ipiganwa arimo ibiciro afunze neza azashyikirizwa akanama kamasoko kuwa 26/08/2026 arinabwo azafungurwa kumugaragaro I saamunani zamanywa (02:00h)

N.B Rwiyemeza mirimo utazubahiriza isaha ya saa munani zamanywa dosier ye ntizakirwa.

**Bikorewe Gihundwe Kuwa 15/7/2026**

**Rev.Joel NIYIGENA**

**Umuyobozi wa Jill Barham TSS**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'URWANDA GITWE Kuwa 27/07/2026

INTARA Y'UBURASIRAZUZA

AKARERE KA NGOMA

Email: eavgitwe@yahoo.fr

P.O.BOX:62 KIBUNGO

Tel : 0783188751 ,0782827213

ITANGAZO

UBUYOBOZI BW'IKIGO CYA EAV GITWE TSS BURAMENYESHA BA RWIYEMEZAMIRIMO N'AMAKOPERATIVE BOSE BIFUZA GUPIGANIRA ISOKO NO 023 / EAV GITWE /GOODS/2025/2026 RYO KUGEMURA IBIRYO BY'ABANYESHURI BYIGIHEMBWE CYA MBERE (I),IBIKORESHO BY'ISHURI N'INKWI , UMWAKA WA 2026/2027. ABABYIFUZA BAKWANDIKIRA UBUYOBOZI BW'ISHURI AMABARUWA ASABA ISOKO AGARAGAZA IBICIRO BY'IBYO BAPIGANIRA.

IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA Y'IPIGANWA KIRI MUBIRO BY'UBUNYAMABANGA BW'ISHURI UGIHABWA YISHYURA AMAFARANGA IBIHUMBI ICUMI (10,000)FRW ) KURI BURI LOTI ADASUBIZWA ASHYIRWA KURI KONTI Y'ISHURI NO: 570313199110138 IRI MURI BANKI Y'ABATURAGE (BPR) .

NB: KWAKIRA AMABARUWA BIZATANGIRA TARIKI 27/07/2026 BIKAZARANGIRA TARIKI YA 27/08/2026 ISAA YINE 10H00 ZA MU GITONDO ARI NABWO AMABARUWA AZAFUNGURWA MU RUHAME IBARUWA IZARENZA IYO SAHA YA SA YINE ITARAGERA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI NTAGO IZAKIRWA .

ICYITONDERWA UWAKENERA IBINDI BISOBANURO BIRAMBUYE YA HAMAGARA Tel: +250783188751/ 0782827213

BIKOREWE IGITWE KU WA 27/07/2026

Past NSANZIMANA JEAN CLAUDE

UMUYOBOZI W'ISHURI RYA EAV GITWE TSS

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIQUE DU RWANDA**
**MINISTERE DE L'EDUCATION**
**DISTRICT DE KARONGI**
**SECTEUR MURAMBI**
**ECOLE SECONDAIRE DE KIRINDA**
**TEL : 0788514292/0788254696/**

**AVIS D'APPEL D'OFFRE NATIONAL: REFERENCE N122/2026-2027/ESK/G/S/OCB**

**TITRE DU MARCHE : Fourniture des vivres, pour le 1ère trimestre 2026-2027, Materiels de bureau ,de reparation et d' Hygiene, pour l'année scolaire 2026-2027 à l'école secondaire de Kirinda.**

**Le marché est constitué par des lots suivants :**

**LOT1 :** Riz

**LOT 2 :** Sucre brun, Sel, et huile .

**LOT 3 :** Haricots sec.

**LOT4 :** Farine de maïs « **KAWUNGA** »

**LOT5 : Materiels de bureau ,de reparation et d' Hygiene**

**Financement** : **Ecole Secondaire de Kirinda**

La participation à la concurrence est ouverte à égalité des conditions à toutes les personnes physiques ou morales.

Le dossier d'appel d'offres pour le marché pourra être retiré au bureau chargé de marché de l'école à partir du **23/07/2026** pendant les jours ouvrables de **08h-17h00**, sur présentation d'un bordereau de versement de **dix milles francs rwandais (10,000 frw)** non remboursable versés au compte **N° 514-298759510184** ouvert à la Banque Populaire du Rwanda de l'ES KIRINDA.

Les offres bien dactylographiées, reliées convenablement et présentées en 3 exemplaires dont un original et 2 copies sous peine d'être rejetés devront parvenir sous plis fermés au bureau chargé de marché de ladite école au plus tard le **21/08/2026 à 12h30'** ; l'ouverture des offres aura lieu en séance plénière et publique le **21/ 08/2026 à 13h00'** à la salle polyvalente de l'école.

**Fait à Kirinda le 23/07/2026**

**MULIHIRA Yves**

**Directeur de l'E.S Kirinda.**

# ITANGAZO RYA CYAMUNARA

REPUBLIC OF RWANDA
RWANDA AGRICULTURE AND ANIMAL
RESOURCES DEVELOPMENT BOARD (RAB)
Office of the Chief Finance Officer
HUYE - RWANDA

On……27……..../……07 ............2026
Ref: N°01.11/.......327................/026/UC/CFO

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA YO KUGURISHA INKA N'IBINDI BIKORESHO BISHAJE MURI STATION ZA RAB ZITANDUKANYE**

Ikigo Gishinzwe Iterambere ry' Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB), kiramenyesha abantu bose ko hazatezwa cyamunara y'inka n'ibindi bikoresho bishaje muri station zikurikira: Nyagatare, Musanze, Ngoma, Rubirizi, Ntendezi, Gakuta, Rubona, Songa, Nyamagabe, Muhanga, Rwerere,Tamira.

Cyamunara izaba mu byiciro bitandukanye kuva tariki ya **03 kugeza 08 kanama 2026**, cyamunara izakorwa ku masaha agaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira:

| Umunsi | Station | Aho cyamunara izabera | Ikizagurishwa | Amasaha cyamunara izakorerwa |
|---|---|---|---|---|
| 05/08/2026 | Nyamagabe | Sigira site | Inka, ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 06-07/08/2026 | Gakuta | Station office, Rufungo site | Inka, Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 06-07/08/2026 | Rubona | station office | Inka, Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 06-07/08/2026 | Ntendezi | Station office | Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 04-05/08/2026 | Musanze | Station office, Kinigi site | Inka, Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 06-07/08/2026 | Tamira | Station office, labo sites | Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 03-04/08/2026 | Rubirizi | Station office, Musenyi site, Nemba site, rubungo site, masoro site | Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 03/08/2026 | Nyagatare | Station office | Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 05/08/2026 | Muhanga | Station office | Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 03/08/2026 | Rwerere | masogwe site | Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 03-04/08/2026 | Songa | station office | Inka, Ibikoresho | 10h00-15h00 |
| 04/08/2026 | Ngoma | Office station | Ibikoresho | 10h00-15h00 |

*P.O.BOX: 5016 KIGALI* *Website:www.rab.gov.rw*

Ikigo RAB kiramenyesha ko uzatanga igiciro gishimishije kurusha abandi agomba kubahiriza ibi bikurikira mbere y'uko ahabwa uburenganzira bwo gutwara inka, ibikoresho azaba yatsindiye :

- Kwishyura CASH ako kanya amatungo cyangwa ibikoresho yatsindiye amafaranga angana na 30 % y'agaciro kose kabyo, asigaye akayishyura bitarenze iminsi itatu y'akazi kuri konti ya RAB revenue, akazanira ababishinzwe icyemezo kigaragaza ko yishyuye (Bank slip);
- Nyuma y'uko amatungo yaguzwe yishyuwe, ipakira n'itwarwa ryabyo bivanwa muri station ya RAB bigomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza ariho mu Gihugu.
- Abifuza gusura ayo matungo cyangwa ibikoresho ku ma sites atandukanye ya RAB bizajya bikorwa buri munsi aho amatungo n'ibikoresho biherereye mu masaha y'akazi yemewe.

Abifuza ibindi bisobanuro bahamagara kuri nimero zikurikira:

**Tel:0788244034**

Bikorewe i Huye, 27 Nyakanga 2026

For Digitally signed by RAB(DM)1

**UMUTONI Clarisse**
**Chief Finance Officer**

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'UBUJURIRE**

**ITEGEKO N° 001/2026/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itandatu, umunsi wa 09 w'ukwezi kwa Nyakanga;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA François Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko iburanisha ry'urubanza **N° RS/INJUST/RP 00001/2024/CA**, haburana **Ubushinjacyaha na NSABIMANA Marcel** ryari riteganyijwe ku wa **03/07/2026** ryimuriwe ku wa **15/09/2026 saa tatu (9H00)**;

Tumaze kubona ko **NSABIMANA Marcel** atakiboneka mu Mudugudu wa Bwimo, Akagali ka Nyamweru, Umurenge wa Kanyinya, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, aho yabarizwaga mu Rwanda;

Dushingiye ku ngingo ya 102 n'iya 103, z'Itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;

Dutegetse ko ihamagara rya **NSABIMANA Marcel**, rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'amezi abiri (2);

Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ubujurire.

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**Sé** **RUKUNDAKUVUGA François Régis**
**Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

**Sé** **UWANTEGE Yvette**
**Umwanditsi Mukuru**

Copie certifiée conforme à l'originale Greffier UWASE ... le 18/...

# ITANGAZO RYO KUMENYESHA

Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

**URUKIKO RW'UBUJURIRE**

**ITEGEKO N° 01/2026/CA RYA PEREZIDA RIHATIRA UMUBURANYI UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI KUZA KUBURANA URUBANZA RWE.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itandatu **(2026)**, umunsi wa **29** w'ukwezi kwa **Nyakanga**;

Twebwe **RUKUNDAKUVUGA Francois Régis**, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na **UWANTEGE Yvette**, Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko ;

Tumaze kubona ko urubanza **N° *RCOMAA 00022/2026/CA***, haburana KAGAME K. Festo, UMWANDITSI MUKURU muri RDB& YAHSEPPE Ltd C/ MUTUYEYEZU Jean Bosco & Josua Franchi SACKS ruzaburanishwa kuwa **09/09/2026** saa tanu **(11H00)**;

Tumaze kubona ko Josua Franchi SACKS adafite aho abarizwa hazwi mu Rwanda cyangwa mu mahanga;

Dushingiye ku ngingo za **26 ibika bya1-3,45,46,** n'iya **186** z'Itegeko **N° 22/2018** ryo ku wa 29/4/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umur mo n'iz'ubutegetsi ;

Dutegetse ko ihamagara rya **Josua Franchi SACKS** rimanikwa ku Rukiko rw'Ubujurire ahagenewe kumanikwa amatangazo. Rizamanikwa kandi ku byicaro by'Inkiko zisumbuye zose z'u Rwanda mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15);

Kopi y'iri hamagara azayisanga mu bwanditsi bw'Urukiko rw'Ubujurire.

Iri Tegeko ritangajwe mu kinyamakuru : **IMVAHO NSHYA**

Bikorewe mu biro byacu ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**RUKUNDAKUVUGA Francois Régis**
**Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

**UWANTEGE Yvette**
**Umwanditsi Mukuru**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ngororero, kuwa 20/07/2026

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
AKARERE KA NGORORERO
UMURENGE WA NGORORERO
ISHURI ASPADE – NGORORERO

# ITANGAZO

Ubuyobozi bw'ishuri ASPADE-NGORORERO burashaka gutanga isoko ry'ibiribwa, ibikoresho n'inkwi mu mwaka w'amashuri 2026/2027.

Ingano y'ibikenewe n'ibindi bisobanuro biboneka mu gitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa (DAO), kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri ASPADE-NGORORERO mu minsi y'akazi tariki ya 18/08/2026 kugeza tariki ya 19/08/2026 mbere ya saa sita z'amanywa, hishyuwe amafarangs ibihumbi icumi (10,000Frw) adasubizwa kuri konti 53105 ya ASPADE- NGORORERO iri mu mwalimu Sacco.

Bikorewe Ngororero, kuwa 20/07/2026

RUGIRANGOGA Raymond
UMUYOBOZI W'ISHURI ASPADE – NGORORERO

ECOLE SECONDAIRE ASPADE NGORORERO

## ITANGAZO RY'ISOKO

AKARERE KA NGOMA
UMURENGE WA KIBUNGO
GS GAHIMA TSS

**ITANGAZO RY'ISOKO NO: 001/26-27 GS GAHIMA TSS**

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya GS GAHIMA TSS, riherereye mu Karere ka **Ngoma,** Umurenge wa **Kibungo**, Akagali ka **Gahima**, Umudugudu wa **Nyamigina**, kubufatanye n'Akanama gashinzwe gutanga amasoko bwishimiye gutumira amakoperative na barwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, kuza gupiganira isoko ryo kugemura ibikoresho bishira (Consumables) bijyanye n'ishami ry'Ubwubatsi (**Building Construction**) n'ishami ry'ubudozi bugezweho (**Fashion Design**), ibikoresho byo mu biro (**Teaching materials**), ibikoresho by'isuku ( **Hygiene and Sanitation**), inkwi n'imboga zo kugaburira abanyeshuri ( dodo n'amashu) mu mwaka w'amashuri 2026-2027.

Abifuza gupiganira iri soko barasabwa kuza kugura igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera taliki ya 04/08/2026 bamaze kwerekana inyemezabwishyu yishyuriweho amafaranga **ibihumbi icumi ( 10,000Frw) adasubizwa** Kuri compte nimero 900010485900 iri mu Mwalimu Sacco mu mazina ya GS Gahima.

Umunsi wanyuma wo kwakira amabaruwa ni taliki 20/08/2026 saa tatu n'igice (9h30 AM), gufungura amabaruwa ku mugaragaro ni kuri uwo munsi (10h00AM) za mugitondo.

Bikorewe Gahima kuwa 29/07/2026

**MUZIGURA Felix**
Umuyobozi wa GS GAHIMA TSS

GROUPE SCOLAIRE GAHIMA

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

E.S Cyinzovu kuwa 28/07/2026

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA KAYONZA
UMURENGE WA KABARONDO
E S CYINZOVU
TEL:0785459217

ITANGAZO RIHAMAGARIRA ABANTU GUPIGANIRA AMASOKO

Ikigo cya E S Cyinzovu gihereye mu karere ka Kayonza, Umurenge wa Kabarondo, Akagali ka Cyinzovu kirifuza gutanga amasoko akurikira;

1. Isoko ry'ibikoresho byo mubiro,ibikoresho by'isuku,ibikoresho by'imfasha nyigisho n'iby'imyidagaduro.
2. Isoko ryo gusana no kuvugurura
3. Isoko ry' ibyo kurya by'abanyeshuri bigurwa n'ishuri n'ibikoresho byo mu gikoni

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga isoko kiboneka mubunyamabanga bw'ishuri kuva tariki ya 30/07/2026 kugeza kuwa 30/08/2026, hamaze kwishyurwa ibihumbi cumi (10,000fr) bidasubizwa kuri konte No 900010453500 ya CYINZOVU ECOLE SECONDAIRE iri mu Umwarimu SACCO.

Umuyobozi wa E S Cyinzovu
**MUGOREWERA Antoinette**

ECOLE SECONDAIRE CYINZOVU

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIQUE RWANDAISE**

**PROVINCE DU SUD**
**DISTRICT DE KAMONYI**
**SECTEUR RUNDA**
**RUNDA TVET SCHOOL**
**Tel : 0788847122**
**Email: tssrunda33@gmail.com**

**AVIS D'APPEL D'OFFRES N⁰01/RUNDA TSS /8/2026**

**MARCHE DE FOURNITURE DES MATERIELS CONSOMMABLES DE CONSTRUCTION ET DE ICT DANS RUNDA TSS DANS LE DISTRICT DE KAMONYI.**

Runda TSS (Technical Secondary School) invite tous les soumissionnaires éligibles et qualifiés pour le marché de Fourniture dans ladite école située dans le District de Kamonyi.

La participation à la concurrence est ouverte à égalité de conditions à toute entreprise spécialisée dans les marchés de ce genre inscrite au registre de commerce de la République Rwandaise et sera ouverte à tous les soumissionnaires éligibles et qualifiés tels que defini dans le Dossier d'Appel d'Offre.

Les dossiers d'Appel d'Offre pour ce marché peuvent être obtenus dans la secretariat de Runda TSS pendant les heures de service dépuis le **3/8/2026,** sur présentation d'un bordereau de versement du montant non remboursable de dix mille francs rwandais (**10,000frw**) sur le compte **N°:00288-07736038-45** ouvert dans la Banque de Kigali **(BK)**.

Les soumissions bien dactylographées redigées en langue Rwandaise, française ou anglaise, reliées convenablement et présentées sous plis fermé en 3 exemplaires dont un original et deux copies au plus tard le **26/8/2026 à10h00** heures précises.

Les garanties de soumission devront être émises par une banque commerciale ou une société d'assurance agrée au Rwanda. L'ouverture des offres aura lieu en séance publique le même jour à **10h30'** dans la salle de réunion du Runda TSS. La validité des offres est de 90 jours à partir de la date limite de réception des offres.

**NB:le présent marché de deux lots a savoir:**

1. LOT 1: Fourniture des Materiels Consommables de construction
2. LOT 2:Fourniture des materiels consommables de ICT

**NB: Chacun peut acheter un lot de son choix.**

**Fait à RUNDA, le 3/8/2026**
**HAKIZIMANA Enos**
**Directeur de RUNDA TECHNICAL SECONDARY SCHOOL**

MINEDUC - RUNDA TSS

## ITANGAZO RY'ISOKO

REF : 050/0202033TTC/2026
DATE : 27/07/2026

GISAGARA DISTRICT
**T.T.C SAVE**
P.O BOX 97 BUTARE
EMAIL: ttcsave48@gmail.com
TEL : 0793166703

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bwa TTC Save buramenyesha ababyifuza bose kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga amasoko yo kugemura ibikoresho by'isuku, ibikoresho byo mu biro, ibikoresho byo gusana (Maintenance) n'ibiribwa bizakoreshwa mu mwaka w'amashuri wa 2026-2027. Igitabo cy'ipiganwa kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri kikishyurwa amafaranga ibihumbi icumi (10,000 frw) adasubizwa, kuri konti **numero 465-3280979-10137** iri muri **Banki y'Abaturage y'u Rwanda (BPR)**. Abifuza gupiganira ayo masoko barasabwa kuza gufata igitabo gikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera taliki ya 29/07/2026 amaze kwerekana inyemezabwishyu yishyuriyeho. Umunsi wa nyuma wo kwakira amabaruwa ni taliki 27/8/2026 saa yine zuzuye (10h00) gufungura ayo mabaruwa ni kuri uwo munsi saa tanu za mugitondo(11h00).

Bikorewe i Save ku wa 27/7/2026

**Umuyobozi w'ishuri rya TTC Save**

**Furere NZASABIMFURA Gaston**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **Ref. N°.: 026-0134773** cyo kuwa **02/06/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;
UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **M<sup></sup>e KARARA Emmanuel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA GATATU UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU ufite **UPI: 1/02/11/06/2132** uherereye mu **Mudugudu wa NYAKAGEZI , Akagari ka RUDASHYA , Umurenge wa NDERA, Akarere ka GASABO , Umujyi wa Kigali ,** KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;
**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO,I KANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 3ARI NAYO YA NYUMA | Guhera tariki ya **31/07/2026 saa munani kugeza tariki ya 07/08/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **M 5.019** (sqm).UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA ( **50.190.000 Rwf**. **INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 2.509.500 Frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN
CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **31/07/2026**
**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel
Tel:0788830615
USHINZWE GUCUNGA INGWATE

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

# CYAMUNARA RWANDA LTD

**Tin : 111531653 / Tel : 0787334130 / NYARUGENGE-KIGALI**
**www.cyamunararwanda.rw / Email : cyamunararwanda@gmail.com**

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA YA MOTO 141 ZA JALI FINANCE- ZIHEREYE KAYONZA HAFI Y'IVURIRO RYO KWA DARIUS**

**CYAMUNARA RWANDA Ltd**, sosiyete y'umwuga kandi iri ku isonga mu Rwanda mu kugurisha imitungo yimukanwa n'itimukanwa hakoreshejwe ipiganwa ry'ibiciro (**CYAMUNARA**), ibiherewe ububasha na **JALI FINANCE**, iramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko izagurisha muri cyamunara:

| IBISOBANURO | AMAKURU |
|---|---|
| **Itariki n'isaha ya cyamunara** | Ku wa kane, tariki ya 06/08/2026 saa saba |
| **Igihe** | Saa saba z'amanywa (1:00 PM) |
| **Aho izabera** | Ku ishami rya JALI FINANCE riherereye KAYONZA |
| **Aderesi** | Kayonza kumuhanda werekeza I NGOMA i ruhande rw'ivuriro ryo kwa DARIUS hateganye n'umuhanda ugana ku karere ka KAYONZA |
| **Gusura moto** | Moto zishobora gusurwa buri munsi aho cyamunara izabera |

**AMABWIRIZA Y'INGENZI**

- Cyamunara izabera mu ruhame hakoreshejwe uburyo bwo gupiganwa mu magambo (**Live Public Auction**).
- Moto izahabwa uwatanze igiciro gisumba iby'abandi.
- Uwatsindiye moto agomba kwishyura ikiguzi cyayo cyose ako kanya.
- Uwaguze moto azahita afashwa mu buryo bwo kuyishyira mu mazina ye (**mutation**).
- Uwaguze moto agomba guhita ayitwara nyuma yo kwishyura no kuzuza ibisabwa.

**NB:1.Amafoto y'ibigurishwa n'izindi cyamunara ubisanga kuri www.amatangazo.com**

**2.Ukeneye kugurisha icyo aricyo cyose byihuse tuvugishe nonaha:**

**Tel: 0787 334 130 / 0788 822 147**

**Bikorewe i Kigali, ku wa 31/07/2026**

**NDEREYIMANA Mathias**

Umuyobozi mukuru

**CYAMUNARA RWANDA Ltd**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye rya **NYAMYUMBA SECONDARY SCHOOL** riherereye mu karere ka Nyaruguru Umurenge wa MATA Akagali ka Murambi buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko hari ipiganwa ry'amasoko mu mwaka w'amashuri wa **2026-2027**
**Ibikenewe biri mu byiciro bikurikira**:
**Icyiciro cya mbere**:Ibiribwa by'abanyeshuri ( Akawunga No **1**, Umuceli wa Kigoli w'umugugu mwiza, Ibishyimbo byumye kandi bitarimo imyanda,Ifu y'amasaka y'igikoma,Isukali,Amavuta,Umunyu) **Icyiciro cya kabiri**:Ibikoresho bitandukanye, **Icyiciro cya gatatu** :Inkwi ,**Icyiciro cya kane**:Impuzankano z'abanyeshuri
Igitabo gikubiyemo ibipiganwa ndetse n'amabwiriza y'ipiganwa kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri rya **Nyamyumba Secondary School** guhera tariki ya **29/07/2026**kugeza **28/08/2026** mu masaha y'akazi herekanywe **Bordereau** yishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi **(10,000F)** adasubizwa kuri konti y'ikigo **no 92494** ya **UMWALIMU SACCO YA NYAMYUMBA SECONDARY SCHOOL.**
**Bikorewe I Nyamyumba kuwa 29/07/2026**
**Ubuyobozi bw'ishuri rya Nyamyumba Secondary School**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**AKARERE KA RUSIZI**
**COLLEGE DE NKANKA**
**TEL: 0788956986**
**Email : collegenkanka98@yahoo.com**

**ITANGAZO**
UBUYOBOZI BW'IKIGO CYA COLLEGE DE NKANKA BUFATANYIJE NA KOMITE Y'ABABYEYI BARERERA MURI ICYO KIGO BURAMENYESHA ABANTU BOSE BABYIFUZA KANDI BABIFITIYE UBUSHOBOZI KO BWIFUZA GUTANGA ISOKO RYO **"KUGEMURA IBISHYIMBO N'AKAWUNGA BIZAKENERWA MU GIHEMBWE CYA MBERE 2026-2027"**
IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA Y'IPIGANWA KIBONEKA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI MU MASAHA Y'AKAZI GUHERA KUWA 20/07/2026 HEREKANYWE INYEMEZABWISHYU Y' AMAFARANGA ADASUBIZWA IBIHUMBI BITANU (5000FRW) YISHYUWE KURI KONTI Y'IKIGO N0 900019591600 IFUNGUYE MU MWALIMU SACCO MU MAZINA YA COLLEGE DE NKANKA .
AMABAHASHA Y'IPIGANWA ARIMO IBICIRO AFUNZE NEZA , ASHYIKIRIZWA AKANAMA 11/08/2026 SAA TANU ZA MUGITONDO(11:00) ARI NABWO AZAFUNGURWA KU MUGARAGARO
**N.B: RWIYEMEZAMIRIMO UTAZUBAHIRIZA ISAHA YA SAA TANU (11:00) DOSSIER YE NTIZAKIRWA.**

**BIKOREWE KU NKANKA, KUWA 16/07/2026**

**MUKESHIMANA DANIEL**
**UMUYOBOZI W'IKIGO CY'ISHURI CYA COLLEGE DE NKANKA**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IMPAMVU YO GUSABA GUHINDUZA AMAZINA**

Turamenyesha ko uwitwa GATERA Jean Damascene mwene Gatera Jean Chrisostome na Mukagasana Angelique, utuye mu Mudugudu wa Gahanga, Akagari ka Gahanga, Umurenge wa Gahanga, Akarere ka Kicukiro, mu Umujyi wa Kigali yanditse asaba uburenganzira bwo guhinduza izina asanganywe ariyo GATERA Jean Damascene, akitwa GATERA Jean mu gitabo cy'inyandiko z'amavuko. Impamvu atanga yo guhinduza izina ni Izina nabatijwe.

Bikorewe i Kigali,
ku wa **17/07/2026**

Byemejwe na
HABIMANA Dominique
**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu**

Sikana iyo code mu kugenzura
iyi nyandiko
CYANGWA
Ugenzure ku irembo
ukoresheje nomero ya dosiye
B2607131251439LYB

**ICYITONDERWA:** Kugirango hatabaho uburiganya, shakisha **nomero y'inyandiko** ku rubuga Irembo urebe neza niba iyo nyandiko ari nyayo mbere yo kuyikoresha.

Inyandiko Yatangiwe ku irembo

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

REPUBULIKA Y'U RWANDA

AKARERE KA RUSIZI
UMURENGE WA NKUNGU
MATARE TSS

**ITANGAZO RYO KUMENYESHA**

UBUYOBOZI BWA MATARE TSS BUFATIKANYIJE NA KOMITE Y'ABABYEYI BAHARERERA, BURAHAMAGARIRA BA RWIYEMEZAMIRIMO BABYIFUZA KANDI BABIFITIYE UBUSHOBOZI KUZA GUPIGANIRA AMASOKO AKURIKIRA :

**Lot 1 : Ibikoresho by'Amashanyarazi.**
**Lot 2 : Ibikoresho by'Ubwubatsi**
**Lot 3: Ibikoresho bya Electronics**
**Lot 4 : Ibikoresho bya ICT**
**Lot 5 : Ibikoresho byo mu biro,Isuku, Siporo n'Umuco**
**Lot 6 : Ibiribwa**
**Lot 7 : INKWI**

ABIFUZA GUPIGANIRA AYO MASOKO BASHOBORA KUZA KUGURA IGITABO GIKUBIYEMO AMABWIRIZA Y'IPIGANWA KIBONEKA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI MU MINSI Y'AKAZI, HEREKANYWE INYEMEZABWISHYU Y'AMAFARANGA IBIHUMBI BITANU (5000 Frw ) ADASUBIZWA YISHYURIWE KURI KONTI Y'ISHURI N0 147029 IRI MURI MWALIMUSACCO. AMABAHASHA AFUNZE NEZA AZAKIRWA MU BUNYAMABANGA BW'ISHURI MU MINSI Y'AKAZI KUGERA KU WA 20/08/2026 I SAA TANU ZA MUGITONDO ( 11h00 ), GUFUNGURA AMABARUWA BIZAKORWA UWO MUNSI I Saa Tanu n'igice (11h30) Z'AMANYWA.

Bikorewe I Matare kuwa 17/07/2026

**NTIRENGANYA Christian Jean Baptiste**
Umuyobozi wa **MATARE TSS**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO Nº:001/SHNGTSS 2026-2027**

Ubuyobozi bw'ishuri rya **SHONGA TSS**,riherereye mu Ntara y'Iburasirazuba, akarere ka Nyagatare, umurenge wa Tabagwe, akagali ka Shonga burahamagarira ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi gupiganira isoko ryo ***Kugura no kugemura ibiribwa by'abanyeshuri n'inkwi bizakenerwa mu mwaka w'amashuri wa 2026/2027.***

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga iri soko (DAO) kiboneka mu biro by'ubunyamabanga bw'ishuri kuva kuwa 29/07/2026,umaze kwerekana inyemezabwishyu (Bordereau de Versement) wishyuriyeho amafaranga y'U Rwanda ibihumbi icumi(**10,000Frws**) adasubizwa kuri konti Nº:**164155** ya SHONGA Technical Secondary School iri mu Mwalimu SACCO. Amabaruwa aherekejwe n'ibyangombwa bisabwa bigomba kuba byagejejwe mu bunyamabanga bw'ishuri bifunze neza mu ibahasha,bitarenze kuwa 29/08/2026 saa tanu zuzuye za mu gitondo (11h00), ari nabwo amabahasha azafungurwa mu ruhame.

Bikorewe i Shonga, kuwa 28/07/2026

**HAKORIMANA Verien**
**Umuyobozi w'Ishuri**

# Umubare w'abitabiriye Itorero Indangamirwa wikubye hafi inshuro ebyiri

**ZIGAMA THEONESTE**

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Jean Damascène Bizimana, yatangaje ko umubare w'urubyiruko rwitabiriye Itorero Indangamirwa Icyiciro cya 16 wageze kuri 769, ukaba wikubye hafi inshuro ebyiri ugereranyije n'abitabiriye icyiciro cya 15 cyabaye mu 2025.***

Yabitangaje ku wa Kabiri, tariki ya 28 Nyakanga 2026, ubwo Perezida wa Repubulika, Paul Kagame, yasuraga urubyiruko ruri gusoza Itorero Indangamirwa mu Kigo cy'Imyitozo cya Gisirikare cya Gabiro, giherereye mu Karere ka Gatsibo.

Dr. Bizimana yavuze ko Intore z'icyiciro cya 16 zigizwe n'urubyiruko 769, barimo abakobwa 315 n'abahungu 454. Aba biyongereye ku Ntore 5 216 zimaze gutozwa mu byiciro 15 byabanje kuva mu 2008, nubwo iri Torero ritabaye mu myaka ibiri kubera icyorezo cya COVID-19.

Yashimiye Perezida Kagame ku cyemezo cyo kwimurira Itorero Indangamirwa mu Kigo cya Gisirikare cya Gabiro, avuga ko cyatumye haboneka ibikorwaremezo bihagije ndetse n'ubushobozi bwo kwakira umubare munini w'Intore.

Yagize ati: "Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, turabashimira ko muri iki cyiciro cya 16 twageze ku rwego rushya rw'Itorero Indangamirwa. Ibyo byashobotse kubera icyemezo cyo kurizana muri iki Kigo cya Gabiro."

Yasobanuye ko iki kigo gifite ibisabwa byose bituma amahugurwa agenda neza kurusha aho Itorero ryaberaga mbere i Nkumba, kandi ko gifashwa cyane n'Ingabo z'u Rwanda. Dr. Bizimana yavuze kandi ko Perezida Kagame yasabye kongera umubare w'abitabira Itorero, ari na byo byatumye uyu mwaka wikuba hafi kabiri.

Yagize ati: "Uwo murongo ntituzawutezukaho. Tuzakomeza kuvugururura uburyo bwo gutoza Intore kugira ngo bujyane n'igihe ndetse n'icyerekezo mugenda muduha." Yagaragaje ko muri iki cyiciro hanashyizwe imbaraga mu guhuza Intore z'ubu n'abarangije Itorero mu byiciro byabanje, bakazisangiza ubunararibonye bwabo.

Ati: "Bamwe muri bo baje hano batanga ubuhamya bw'akamaro Itorero ryabagiriye, uko bashyira mu bikorwa ubumenyi bahavanye n'imbogamizi bahuye na zo nyuma yo kurirangiza. Ibyo byafashije Intore z'uyu mwaka kumenya hakiri kare ibishobora kuzibangamira no gutegura uburyo bwo kubitsinda."

Yongeyeho ko uru rubyiruko rwaganirijwe n'abasore n'inkumi bari mu Ngabo z'u Rwanda no muri Polisi y'u Rwanda, ibintu yavuze ko byarwongereye ubushake bwo kuzinjiramo no gukorera igihugu. Muri aya mahugurwa kandi, Intore zahawe inyigisho zibafasha gukunda igihugu, kurushaho gusigasira ibyo u Rwanda rumaze kugeraho no gutanga umusanzu mu guhanga udushya no kwihutisha iterambere.

Dr. Bizimana yavuze ko banatojwe kubana no gukorera hamwe binyuze mu bikorwa bya buri munsi birimo kurarana, gukarabira hamwe, gukora siporo no gufatira amafunguro hamwe, asobanura ko nubwo byabanje kugora bamwe, byabafashije gusobanukirwa agaciro k'ubufatanye, ikinyabupfura n'ubuzima bwo gukorera hamwe.

Icyiciro cya 16 cy'Itorero Indangamirwa kigizwe n'ibyiciro bine by'urubyiruko birimo abiga mu mahanga 137, abiga mu mashuri mpuzamahanga akorera mu Rwanda 125, abiga mu mashuri makuru na kaminuza zo mu Rwanda 301 ndetse n'ababaye indashyikirwa ku Rugerero baturutse mu Turere twose tw'Igihugu 206.

Imvaho Nshya Imyidagaduro

MICOMYIZA BARINDA Fidele

# Nyuma y'imyaka 10 Urban Boyz yari ikumbuwe yahuriye ku rubyiniro

***Ibitaramo bya Iwacu Muzika Festival, byari bimaze igihe bizenguruka mu Ntara z'igihugu kuva ku wa 20 Kamena 2026 bishyizweho akadomo no kuririmba, kubyina, gusimbuka no gukuramo imyenda kw'abatuye mu Karere ka Rubavu babyitabiriye, ubwo bataramirwaga n'abaririmbyi b'itsinda rya Urban Boyz ryari rimaze imyaka 10 ridahurira ku rubyiniro.***



Urban Boyz yaherukanaga mu myaka 10 ishize yagaragaje ko igikunzwe mu Karere ka Rubavu

Ibi bitaramo byarangiriye mu Karere ka Rubavu, aho byabereye kuri Stade Umuganda, kuri uyu wa 1 Kanama 2026 byahuriyemo abahanzi 8 bari bamaze igihe kirenga ukwezi bazenguruka Igihugu.

Muri bo kandi harimo abatwaye PGGSS bagiye bagaruka ku rubyiniro nka gahunda ya Primus yo kongera kugaragaza umusaruro bakuye muri ibi bitaramo bizwiho kuba byarashyize itafari ku muziki nyarwanda muri rusange.

Urban Boyz ni yo yari itahiwe mu Karere ka Rubavu aho bagaragaje ko nubwo bari bamaze imyaka myinshi batandukanye inganzo yabo itigeze yibagirana mu mitima y'abakunzi b'umuziki by'umwihariko iy'aba bagabo batutu ari bo Safi Madiba, Humble Jizzo na Nizzo Kaboss.

Bakigera ku rubyiniro ku isaha ya saa mbiri n'iminota 7 binjiriye mu ndirimbo "Barahurura" imaze imyaka 12 ishize, bamwe mu bitabiriye batangira kuvuga ko wasanga babwiraga abahuruye igihe iri tsinda ryashwanaga.

Bakomereje mu ndirimbo zirimo 'Kubita', bakoze mu 2014, 'Kelele' bakoze mu 2013, 'Yawe' bakoze mu 2014, 'reka mfukame' bakoze mu 2013 na 'Till i Die'.

Ubwo bari bageze ku ndirimbo 'Ibitenge' bakoranye na King James na Ama G the Black mu 2013, Ama G yatunguranye ku rubyiniro aza kubashyigikira ibyatumye igitaramo gihindura isura, kuko abitabiriye babonye Ama G bose barongera barabyina.

Bakomereje kuri Too Much bakoranye na Khalfan Govinda, Jay Polly, Bruce Melodie, Marina ndetse na Uncle Austin biba ibindi ubwo Marina yazaga ku rubyiniro gushyigikira aba basore biyita batatu ku rugamba.

Abo bahanzi mbere yo kuva ku rubyiniro Manzi James wamenyekanye nka Humble Jizzo muri iri tsinda, yarisabye kwegera imbere gato maze araterura ati" ndabashimiye kuba mwatumye aka kanya tuba duhuriye ku rubyiniro nyuma y'imyaka 10 tutabonana, ndabakunda, ibi ntibyari gukunda iyo ataba mwebwe.



Davis D yaserukanye imbuga y'igishushanyo mu gitaramo cya Iwacu Muzika Festival i Rubavu



Chriss Eazzy ari mu bahanzi bahaye ibyishimo bisendereye abitabiriye igitaramo



Abakunzi ba Urban Boyz bayeretse ko bari bayikumbuye

# *King James yanyuze abamufashije kwizihiza imyaka 20 amaze mu muziki*



**King James yanyuze ibihumbi by'abakunzi b'umuziki bitabiriye igitaramo cye cya mbere cyo kwizihiza imyaka 20 amaze mu muziki**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Ruhumuriza James wamamaye nka King James mu buhanzi nyarwanda, yanyuze ibihumbi by'abakunzi b'umuziki bitabiriye igitaramo cye cya mbere cyo kwizihiza imyaka 20 amaze mu muziki. Nubwo hirya no hino mu Gihugu hari ibirori bitandukanye harimo n'imikino ya CECAFA Kagame Cup, ntibyabujije kuba saa kumi n'ebyiri z'umugoroba abantu bari bamaze kugera muri BK Arena bategereje ko igitaramo gitangira.***


Ahagana saa saa moya n'iminota 54 z'umugoroba ni bwo Muyango Claudine na Lucky Nzeyimana bageze ku rubyiniro batangiza gahunda; bakimara kuhagera Lucky yabwiye abitabiriye ko indirimbo 'Ni Iki Utabona' ya King James yayifashishije atereta.

Ni igitaramo cyarimo udushya twinshi turimo kuba hari abitabiriye bambaye imyabaro yanditseho zimwe mu ndirimbo z'uwo muhanzi hamwe n'urukuta rwari muri BK Arena rwanditseho urutonde rw'indirimbo zisaga 100 yahanze agashimisha Abanyarwanda mu myaka 20 ishize.

DJ Arthur ni we wabanje ku rubyiniro, asusurutsa abitabiriye iki gitaramo, yibanda cyane ku ndirimbo za kera cyane cyane iza Meddy. Byageragaho abantu bakizihirwa bakaziririmba ari na ko bazibyina.




**King James yaririmbye indirimbo ya mbere ari mu kirere**



**Abitabiriye baririmbanye na we kugeza asoje igitaramo**

### King V yahawe umwanya wo kugaragaza impano

Ahagana saa mbiri zuzuye, umuhanzi ukizamuka King V yahawe umwanya wo kugaragaza impano ye muri iki gitaramo maze aririmba indirimbo ze zirimo iyo yise Christo, Oya, Suwawe na Tatu.

Saa mbiri n'iminota 40, ni bwo King James yageze ku rubyiniro aherekejwe n'itsinda ry'ababyinnyi benshi babanje kwandika 20 nk'ikimenyetso cy'imyaka uwo muhanzi amaze mu muziki.

Abitabiriye batunguwe no kubona King James aririmba indirimbo ya mbere yose ari mu cyuma cyihariye cyamuzamuye mu kirere, ku buryo uko yagendaga aririmba iyo yise 'Naratomboye' cyagendaga kimanurwa, ikarangira na we ageze ku rubyiniro.

Mu gice cya mbere cy'igitaramo, King James yaririmbye indirimbo ze nyinshi ziganjemo izituje nka Narihannye, 'Nzakubona Ryari', Hari Ukuntu, Ikirezi, 'Ni Iki Utabona, Igitekerezo n'izindi nyinshi.

Uyu muhanzi waririmbye indirimbo zigera muri 20 yageraga ku zo yafatanyije n'abandi bahanzi akabakira ku rubyiniro bagafatanya kuririmba, ibintu byanyuze abakunzi be.


King James yagarutse ku rubyiniro inshuro eshatu aho ibice byose yaririmbanaga n'abitabiriye bahagaze kandi babyina ubona nta kurambirwa.

Mu gice cya kabiri, King James yibanze ku ndirimbo ze zibyinitse zirimo Abubu, Ndakwizera yahereyeho, Icyangombwa, Bagupfusha Ubusa, Nturare Utabivuze n'izindi zitari zahagurukije abafana babyinana na we.

Yahise afata akaruhuko agaruka mu gice cya gatatu ari na cyo cya nyuma, aboneraho gusoza igitaramo cya mbere cyo kwishimira no kwizihiza imyaka 20 amaze akora umuziki.

Mu rugendo rw'imyaka 20 amaze mu muziki, King James afite indirimbo zirenga 100 yakoze mu njyana zitandukanye nka R&B, Zouk, Gakondo, Reggae, Afrobeat, Rumba n'izindi aho ziri mu zituma agira abakunzi benshi.

Biteganyijwe ko King James yongera gutaramira abakunzi be tariki 02 Kanama 2026, mu gitaramo cya kabiri yashyiriyeho abari bacikanywe n'amatike y'icya mbere ari na cyo yakoze tariki 01 Kanama 2026.



**Zuba Lay yafashije King James mu ndirimbo Ikirezi bafatanyije**

# Rayon Sports yatsinze Al Hilal SC igera muri 1/2 cya CECAFA Kagame Cup 2026



**Rayon Sports yageze muri 12 cy'irishanwa Kagame Cup 2026**

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports ihagarariye u Rwanda muri CECAFA Kagame Cup yageze ku mukino wa 1/2 cy'irangiza nyuma yo gutsinda Al Hilal SC yo muri Sudani igitego 1-0 mu mukino wa nyuma wo mu itsinda C.***

Ni umukino wabereye kuri Stade Amahoro, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki 1 Kanama 2026 witabirwa n'abarimo Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr. Justin Nsengiyumva, Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire, Perezida wa FERWAFA, Shema Ngoga Fabrice n'abandi.

Amakipe yombi yagiye gukina uyu mukino akeneye kunganya kugira ngo bakomeze muri 1/2.

Ni umukino watangiye wihuta ku mpande zombi, buri kipe igerageza kurema uburyo bwo gutsinda igitego hakiri kare.

Ku munota wa 19, Rayon Sports yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Atisso Kodjo, nyuma yo kwakira umupira Nshimiyimana Emmanuel 'Kabange yamuhaye.

Mu minota 25, Rayon Sports yakomeje gusatira ishaka igitego cya kabiri binyuze ku ruhande rw'iburyo rwakinagaho Iradukunda Elie Tatou wari wagoye cyane abakinyi ba Al Hilal SC.



**Igitego cya Afisso Kodjo cyafashije Rayon Sports kugera muri 12 cya CECAFA Kagame**

Ku munota wa 40, Al Hilal SC yatangiye kwinjira mu mukino ikinira cyane mu kibuga cya Rayon Sports ishaka kwishyura igitego, ariko ubwugarizi n'umunyezamu bakomeza guhagarara neza.

Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports itsinze Al Hilal SC igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, Al Hilal SC yatangiranye impinduka eshatu Ernest Luzolo, Ahmed M'bareck na Omer Taha, basimbura Akire Tempo, Godwin Frimpong na Emmanuel Flomo.

Izi mpinduka zongereye imbaraga mu busatirizi bw'iyi kipe yo muri Sudani, ariko ikagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Ku minota 75, umukino wagabanyije umuvuduko abakinnyi ba Al Hilal SC batakaza imipira myinshi, mu gihe Rayon Sports yo yari yasubiye inyuma ishaka kurinda igitego cyayo.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Al Hilal SC igitego 1-0, ihita ibona itike yo gukina 1/2 cya CECAFA Kagame Cup ikomeje kubera i Kigali.

Iyi kipe ihagarariye u Rwanda yasoje ifite amanota icyenda nyuma yo gutsinda imikino yose yo mu Itsinda C yazamukanye na Al Hilal SC yitwaye neza mu makipe yabaye aya kabiri n'amanota atandatu izigamye ibitego bitanu.

Muri 1/2 Rayon Sports izahura na Jamus FC yo muri Sudani y'Epfo yayoboye Itsinda B, mu gihe Al Hilal SC izahura na Gor Mahia yo muri Kenya yayoboye Itsinda A. Iyi mikino yose izakinwa ku wa Kabiri, tariki ya 4 Kanama 2026.



**Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva na Minisitiri wa Siporo Nelly Mukazayire bakurikiye umukino**



**Byari ibyishimo ku bafana ba Rayon Sports nyuma yo kugera muri CECAFA Kagame Cup**



**Wari umukino uryoheye ijisho**

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-68 TARIKI 14 NYAKANGA -3 KANAMA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

## Igitutu cyatumye Infantino ahagarika kwegurira Igikombe cy'Isi abikorera

SHEMA Ivan

***Perezida w'Ishyirahamwe ry'Umupira w'AmagurukuIsiFIFA, Gianni Infantino, yatangaje ko yahagaritse umushinga wo gushyiraho ikigo kizaba gishinzwe ubucuruzi no gutegura ibikorwa birimo amarushanwa y'Igikombe cy'Isi, nyuma y'uko habayeho kuwurwanya bikomeye kwa bamwe mu banyamuryango.***

Mu itangazo ryo mu rukerera rwo ku wa Gatandatu tariki ya 1 Kanama 2026, Infantino yavuze ko byagaragaye ko uyu mushinga watangiye guteza amacakubiri kandi ko ibyo "bitakiri mu nyungu" z'umugambi wari ugamijwe mbere.

Ati: "Umushinga wa FIFA Forward Enterprise (FFE) wari ugamije gushyiraho urufatiro rwo kurushaho gukomeza amashyirahamwe y'umupira w'amaguru agize FIFA ndetse no guteza imbere uyu mukino ku Isi hose, cyane cyane mu bihugu bikeneye inkunga kurusha ibindi.

Kandi nk'uko twabivuze kuva mu ntangiriro, ibyo byagombaga gukorwa gusa igihe umubare munini w'ayo mashyirahamwe ya FIFA abyemeye, kandi buri gihe hashingiwe ku biganiro no kugisha inama ayo mashyirahamwe".



**Gianni Infantino yahagaritse umugambi wateje impaka wo kugurisha imigabane mu marushanwa akomeye ku Isi**

Yavuze ko Inama Nkuru ya FIFA (FIFA Council), impuzamashyirahamwe z'umupira w'amaguru ku migabane ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bose bireba na bo baganiriyeho.

Infatino yavuze ko nyuma yo kumva no gusuzuma neza ibitekerezo byose byatanzwe, byagaragaye ko uwo mushinga watangiye guteza amacakubiri kandi ko ibyo bitakiri mu nyungu z'umugambi wari ugamijwe mbere. Yongeyeho ko intego ya FIFA ari uguhuza abantu no guteza imbere umupira w'amaguru, kandi ko ari yo izahora iyobora.

Ati: "Kubera iyo mpamvu, iki cyifuzo ntikizashyirwa mu bikorwa. Intego yanjye ni ugusubiza hamwe impande zose zibifitemo inyungu, mu rwego rwo guteza imbere ubufatanye bushingiye ku nyungu rusange z'umukino wacu, no gukomeza guteza imbere umupira w'amaguru hose ku Isi, cyane cyane mu bihugu bikeneye inkunga yacu kurusha ibindi."

Uyu mushinga wa FIFA Forward Enterprise (FFE) wari ushyigikiwe cyane na Perezida wa FIFA, Gianni Infantino, wateganyaga ko FIFA yagurisha hafi 20% by'imigabane mu kigo gishya cy'ubucuruzi kizacunga ibikorwa bitandukanye birimo Igikombe cy'Isi n'andi marushanwa akomeye. Iki kigo gishya cyagomba kuba gifite agaciro kabarirwa muri miliyari 20 z'Amadolari.

FIFA yatekerezaga ko iyi gahunda izayifasha kubona amafaranga menshi azifashishwa mu guteza imbere umupira w'amaguru ku Isi, aho amakipe n'amashyirahamwe y'ibihugu 211 bigize FIFA bashoboraga kubona agera kuri miliyoni 20$ (miliyari 29,2 Frw) mu myaka ine iri imbere.

Iki gitekerezo cyakiriwe nabi cyane n'amashyirahamwe y'Impuzamashyirahamwe ya Ruhago i Burayi, Amerika na Aziya dore ko bahise bamagana FIFA bavuga ko barenze umurongo utagomba kurengwa, bavuga ko umupira w'amaguru atari umutungo w'umuryango umwe cyangwa umuntu umwe ku buryo wagurishwa ku bashoramari.

Nubwo bimeze gutyo, ku ruhande rwa Afurika CAF yari itaratangaza igitekerezo cyayo kuri uyu mushinga wari umaze iminsi uteza uruntu runtu mu bakunzi ba Ruhago hirya no hino ku Isi.

## Mugisha Bonheur yabonye Ikipe nshya muri Arabie Saoudite

SHEMA Ivan

***Umukinnyi w'Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda wakiniraga Al Masry yo mu Misiri, Mugisha Bonheur yerekeje muri Al-Hazem FC yo mu cyiciro mbere muri Arabie saoudite.***

Kuri iki Cyumweru, tariki ya 2 Kanama 2026, ni bwo Al-Hazem FC yatangaje ko yungutse uyu mukinnyi mushya, asinya amasezerano y'imyaka ibiri.

Bonheur agiye kujya ahangana n'abakinnyi bakomeye bakina muri Iyi Shampiyona izwi nka "Saud pro league"barimo Cristiano Ronaldo na Karim Benzema.

Al-Hazem FC yerekejemo yabonye izuba mu 1957, ifite Stade yayo ifite ubushobozi bwo kwakira abantu ibihumbi umunani. Mu mwaka ushize w'imikino yasoje shampiyona iri ku mwanya wa cyenda n'amanota 42.

Bonheur bakunze kwita 'Casemiro', yazamukiye muri Heroes FC, ayivamo yerekeza muri Mukura VS, ayivamo ajya muri APR FC nayo aza kuyivamo ajya hanze y'u Rwanda muri Al Ahli Tripoli mu 2023.

Yavuye muri iyi kipe yo muri Libya yerekeza muri AS Marsa na Stade de Tunisien zombi zo muri Tunisia nyumamu Mpeshyi ya 2025 yerekeje Al Masry ari nayo agikinira kugeza ubu.



**Mugisha Bonheur yatangajwe nk'umukinnyi wa Al-Hazem FC yo mu cyiciro mbere muri Arabie Saoudite**